

**CONSEIL PROTESTANT DU RWANDA (C.P.R.)**  
**BUREAU NATIONAL DE L'ENSEIGNEMENT PROTESTANT**  
**(BNEP)**  
**B. P. 79 KIGALI/RWANDA**  
**Tél : (250) 585825/583553**  
**Fax : (250) 583554**  
**E-mail : [cpr@rwandatel1.rwanda1.com](mailto:cpr@rwandatel1.rwanda1.com)**

**IGITABO CY'UMWARIMU GIKUBIYEMO AMASOMO  
Y'IYOBOKAMANA Y'ABAPOROTESITANTI MU  
MASHURI ABANZA MU RWANDA**

**UMWAKA WA KABILI**

**IMANA YAKUNZE ABARI MU ISI CYANE**

**Kigali, Ugushyingo 2008**

## **IJAMBO RY'IBANZE**

Nyuma y'umurimo watangiwe mu mwaka wa 1996 wo kuvugurura Integanyanyigisho mu mashuri Abanza n'Ayisumbuye, Ibiro by'Igihugu by'imyigishirize y'Abaporotesitanti mu Rwanda (B.N.E.P.) binejejwe no kubagezaho iyi mfashanyigisho y'amasomo y'Iyobokamana y'Abaporotesitanti mu cyiciro cya mbere cy'Amashuri Abanza ari na yo isoza uwo umurimo ukomeye tumazemo imyaka 12.

Kimwe n'ibindi bitabo byo mu mashuri yisumbuye no mu cyiciro cya kabiri cy'Amashuri abanza byabanjirije iki gusohoka, iki gitabo cy'inyigisho z'Iyobokamana y'Abaporotesitanti mu Rwanda mu cyiciro cya mbere cy'Amashuri Abanza cyateguwe hashingiwe ku nteganyanyigisho y'Amashuri Abanza nk'uko yateguwe na Minisiteri y'Uburezi mu Rwanda.

Ibiro by'Igihugu by'imyigishirize y'Abaporotesitanti (Bureau National de l'Enseignement Protestant: B.N.E.P.) ni rimwe mu mashami ane agize Inama y'Abaporotestanti mu Rwanda (Conseil Protestant du Rwanda: C.P.R.). Ayo mashami agize C.P.R. ni aya akurikira:

- Ishami ry'Uburezi (B.N.E.P.)
- Ishami rishinzwe Urubyiruko n'iterambere ry'Umugore;
- Isahami rishinzwe Iterambere na Diyakoni
- Ishami rishinzwe Ivugabutumwa n'Itangazamakuru.

C.P.R. ni Umuryango w'Amatorero y'Abaporotesitanti mu Rwanda washinzwe Igihugu cyacu kikimara kubona ubwigenge mu mwaka wa 1963. C.P.R yahawe Ubuzima gatozi n'Iteka rya Minisitiri No 112/08/ryo ku wa 05 Ugushyingo 1963.

Ubu C.P.R. igizwe n'Amatorero n'Imiryango ya Gikirisito 14 harimo Amatorero 8 y'Abanyamuryango Shingiro (Membres effectifs) n'andi Matorero n'Imiryango ya Gikirisito 6 y'Abanyamuryango muri C.P.R. mu buryo bucagase (Membres associes). Dore amazina y'Amatorero n'Imiryango ya Gikirisito y'Abanyamuryango ba C.P. R. n'igihe yashingiwe.

➤ **Amatorero agize Abanyamuryango Shingiro ba C.P.R. ni aya akurikira:**

- Itorero Peresebiteriyeni mu Rwanda (E.P.R.): 1907;
- Itorero Anglikane mu Rwanda (E.A.R.): 1922, Rifite Diyosezi icyenda;
- Itorero Metodisite Libre mu Rwanda (E.M.L.R.): 1942;
- Ishyirahamwe ry'Amatorero y'Ababatisita mu Rwanda (U.E.B.R.): 1928;
- Itorero ry'Ivugabutumwa ry'Inshuti mu Rwanda (E.E.A.R.): 1940;
- Umuryango w'Amatorero y'Ababatisita mu Rwanda (A.E.B.R.): 1967;
- Itorero ry'Umunazareti mu Rwanda (E.NA.RWA.): 1992;
- Itorero ry'Abaluteriyani mu Rwanda (L.C.R.): 1995.

➤ **Amatorero n'Imiryango ya Gikirisito y'Abanyamuryango muri C.P.R. mu buryo bucagase:**

- Itorero ry'Abadivantisiti b'Umunsi wa karindwi mu Rwanda (E.A.S.J.): 1922;
- Umuryango w'Amatorero ya Pantekoti mu Rwanda (A.D.E.P.R.): 1940;
- Umuryango Nyafurika w'Ivugabutumwa (A.E.E.): 1987;
- Umuryango BARAKABAHO: 1995;
- Umuryango w'Ivugabutumwa mu Urubyiruko mu Rwanda (J.P.C.R.): 2002;
- Umuryango Nyafurika w'Imiyoborere myiza n'Ubwiyunge (A.L.A.R.M.): 2002.

Uburezi ni imwe mu nkingi zikomeye C.P.R yagiye ishingiraho ibikorwa byayo. Kuva mu mashuri y'inshue, Amashuri Abanza, Amashuri y'Imuga, Amashuri yisumbuye n'Amashuri makuru, C.P.R. ifite uruhare mu gutegura inyigisho, kuzigeza ku bigo

by'Amashuri, guhugura abarimu n'Abayobozi b'Ibigo by'Amashuri no gufatanya n'izindi nzego mu kugena Poiltiki y'Uburezi ibonereye Abanyarwanda.

Inyigisho y'Iyobokamana mu cyiciro cya mbere cy'Amashuri Abanza ni umusingi shingiro mu gutegura Umwana uzagira uruhare mu kubaka umuryango nyarwanda urangwa n'amahoro, ikinyabupfura, urukundo, kwita ku bidukikije no guteza imbere igihugu mu nzego zose. Ibyo bizagerwaho ari uko Umwana amenye umwanya we mu mugambi w'Imana ubwo yamuremaga, bityo akamenya n'inshingano ze muri bagenzi be, mu gihugu no mu muryango w'Abemera.

Ni yo mpamvu, inyigisho zateguve zizashingira ku Umwana ubwe kugira ngo asobanukirwe n'umwanya we mu biremwa rusange by'Uhoraho, mu muryango avukamo, muri bagenzi be ku ishuri no mu muryango, mu gihugu cye no mu Itorero asengeramo. Ibyo bizatuma umwana akurana icyerekezo cyo kubera abandi ingiramumaro, ateza imbere igihugu cye kandi agira n'uruhare mu kubaka Umuryango w'Abemera.

Mu mwaka wa mbere w'Amashuri Abanza, inyigisho zateguve zikubiye mu mitwe itanu ari yo:

- Iremwa;
- Gucumura k'umuntu;
- Umugambi w'agakiza;
- Aburahamu Sekuruza w'Abizera;
- Yezu Kristo, Umucunguzi w'abari mu isi.

Mu mwaka wa Kabiri w'Amashuri Abanza, inyigisho zateguve zigabanyije mu mitwe itanu ari yo:

- Gucumura kwa Adamu na Eva;
- Kwizera kwa Aburahamu;
- Imana itabara Abisiraheli mu Misiri;
- Urugendo rw'Abisiraheli mu butayu;
- Ubudahemuka bw'Imana.

Mu mwaka wa gatatu w'Amashuri Abanza, inyigisho zateguwe zigabanijemo imitwe ine ari yo:

- Imana yaremye umuntu mu ishusho yayo;
- Abacamanza, Abami n'Abahanuzi b'Abisiraheli;
- Umubabaro n'ibyishimo;
- Gusenga.

Buri mutwe ugabanijemo amasomo agaragaza intego igamijwe kuri buri somo, ibice byo muri Bibiliya bizasomwa, ubusobanuro Mwarimu yaheraho ategura isomo, Umurongo wo gufata mu mutwe, hagasoza ibibazo by'isuzumabumenyi.

Mu gutegura izi nyigisho, twifashishiye Bibiliya Ijambo ry'Imana kuko ikoresha amagambo yoroheye abana kuyasobanukirwa. Ikindi kandi ni uko iyi Bibiliya ihuza imvugo ku Bakristo bose baba Abaporotesitanti baba Abagatolika. Ni yo mpamvu musanga twakoreshsheje imvugo ikoreshwa muri Bibiliya Ijambo ry'Imana aho bishoboka hose. **Urugero:** Yezu Kristo, Intangiriro, Ezayi,..

Kugira ngo tworohereze Umwarimu, twashyize ku mugereka w'iki gitabo urutonde rw' Ibitabo uko bikurikirana muri Bibiliya Ijambo ry'Imana n'amagambo y'impine akoreshwa iyo barangai gice cyo mur Bibliya. Ku mpera y'iki gitabo kandi, murahasanga ku buryo burambuye inama za ngombwa ku myigishirize y'amasomo y'Iyobokamana mu mashuri abanza n'amasomo y'Iyobokamana y'Abaporotesitanti. Gukurikiza izo nama, bizatuma Isomo ry'Iyobokamana rishingira ku mwana ubwe bityo uko azarigiramo uruhare ni ko azarushaho kurikunda no kwiyungura ubumenyi.

Aya masomo yateguwe n'itsinda rishinzwe ubwanditsi n'ubushakashatsi bw'inyigisho za gikristo (Comité Technique de l'Enseignement Chrétien) bafatanyije n'ushinzwe Uburebere bwa gikristo muri C.P.R.

Abagize iryo tsinda ni aba bakurikira:

- 1) Pasteur Daniel DUSHIMIMANA, (E.P.R);
- 2) Pasteur Japhet NUYEMURUGERO, (A.E.B.R.);
- 3) Pasteur Elie RUGANINTWARI, (E.M.L.R.);
- 4) Pasteur Emmanuel BIZIMANA, (E.A.R.-Diyosezi Shyira);
- 5) Pasteur Justin MUKUNZI,(E.A.R.-Diyosezi Byumba);
- 6) Pasteur Salathiel NZAMUTUMA (A.D.E.P.R.);
- 7) Madame Thérèse MUKAMUSANA, (E.P.R.);
- 8) Pasteur Immaculée NYIRANSENGIMANA (E.A.R.-Diyosezi Shyogwe) ;
- 9) Pasteur Samuel MUTABAIZI, Ushinzwe Uburere bwa Gikristo muri C.P.R.

Tuboneyeho kubashimira cyane kubera umwete n'umurava bakoranye kugeza ubwo habonetse imfashanyigisho kuva mu mashuri abanza kugeza ku mashuri yisumbuye.

Turashimira kandi Pasteur Daniel DUSHIMIMANA ku bw'umurimo wo gusoma no gukosora, guhuza imvugo no gukora imirimo isoza kugira ngo iki gitabo kibashe gusohoka.

Iki gitabo ni icy'Abarezi, Abanyeshuri, Abapasiteri, Abigisha b'ingeri zitandukanye n'Amatorero. Nimugikoreshe, mugisome, kigirire umumaro abanyarwanda. Nimubonamo amakosa, cyangwa mugize igitekerezo mwatwungura kugira ngo kirusheho kugera ku ntego yacyo, ntimuminde kutumenyesha mukoreshje aderesi iri ku gifuniko cy'iki gitabo. Ibyo bizatuma turushaho kukiboneza.

Tubifuriye umugisha uva ku Umwami wacu Yezu Kristo.

Ku bw'Ibiro by'ighugu by'Imyigishirize y'Abaporotesitanti mu Nama y'Abaporotesitanti mu Rwanda (BNEP),  
Francois RWAMBONERA, Directeur.

## **IRIBURIRO**

Umwana urangije umwaka wa mbere w'amashuri abanza, akaba amaze kugera mu mwaka wa kabiri cyangwa uwa gatatu, aba amaze kumenyera ubuzima bwo ku ishuri n'imyigishirize y'abrimu. Aba amaze gutinyuka, afite umudendezo wose mu kubaza ibibazo afite. Ni yo mpamvu imyigishirize y'amasomo y'Iyobokamana muri iyo myaka yombi izita cyane ku guha umwana uruhare mu myigire isubiza ibibazo bye bwite no kumwongerera ubumenyi ku byo atazi.

Iki ni cyo gihe rero umwana ashimangira ubushake bwe bwo gushira amatsiko yagumanye kuva mu mwaka wa mbere. Umwarimu azahera kuri uwo mudendezo afite mu kubaza ibibazo kugira ngo afashe umwana mu gushimangira ubumenyi asanganywe ari na ko amwongerera ubundi bushya. Nyamara rero, hari ibantu bine by'ingenzi Umwigisha agomba kwitaho:

### **✚ Kuba umurezi w'intangarugero:**

Imitekerereze y'umwana wo muri iki kigero ishingiye ku kwibaza ibibazo no kubishakira ibisubizo. Mu gihe rero umwigisha w'isomo ry'Iyobokamana ari imbere y'abana agomba kwigisha akoresheje imibereho ye yose. Mu gihe imyifatire ye ivuguruza ibyo yigishije abana, bizagira ingaruka mbi cyane mu mikurire y'imyizerere y'abana. Bizabatera gushidikanya n'urujijo mu byo basanzwe bazi kandi bigishwa. Bizabavuna mu mitekerereze, bitume batakaza icyizere bagirira abantu bakuru, bityo bikaba byabatera kuzinukwa no kuraruka kubera ko babuze urugero rwiza aho bari barutegereje.

### **✚ Guteza imbere impano kamere z'umwana:**

Umurezi agomba gufatanya n'umubyeyi w'umwana mu kuyobora impano kamere z'umwana zitangiye kwigaragaza: Kuririmba, gushushanya, kuyobora itsinda ry'abandi bana, gusenga, gukina udukinamico no kuduhimba, kwigisha abandi bana,...Kumenya kuyobora umwana mu mwanya afitiye impano bizatuma yigirira icyizere, bityo arusheho kwiyungura ubumenyi. Ubu kandi ni uburyo bwo kurinda umwana kwiroha mu ngeso mbi ashobora kujyanwamo no kutigirira icyizere bigatuma akururwa n'abanyarugomo.

#### **Guhuza amasomo y'Iyobokamana n'uburere rusange bw'Umwana:**

Uko umwana agenda akura, ni ko azagenda abona ibindi bintu byinshi bimukurura bigendanye n'ikigero cye, itangazamakuru, imico itandukanye, ikoranabuhanga,...Ni yo mpamvu, mu kwigisha kwe, umwigisha agomba kwerekana uruhare rw'isomo ry'Iyobokamana mu mibereho rusange y'umwana:

- Kvirinda icyorezo cya Sida;
- Isuku no kwita ku bidukikije;
- Umuco w'amahoro n'ubworoherane;
- Ubuzima bw'imyororokere;
- Amateka n'Ubumenyi bw'isi;
- Ubutwari n'Ubunyangamugayo;...

#### **Gushimangira ukwemera kwa gikristo:**

Inyigisho y'Iyobokamana mu mwaka wa kabiri n'uwa gatatu w'amashuri abanza izategura abana kuba abakristo bashimangira ukwemera kwabo. Ibyo bizajyana no kubatoza kujya gusenga mu Ishuri ry'Icyumweru, gukunda gusoma Bibiliya, no kwitegura inyigisho za Gatigisimu zibategura kubatizwa cyangwa gukomezwa.

**Inyigisho z'Iyobokamana mu mwaka kabiri** zishingiye ku nkuru zo muri Bibiliya. Zigaragaza urukundo Imana yakunze abari mu isi kugeza ubwo itanze Yezu Kristo, agapfa ku musaraba ngo akize abanyabyaha. Aho ni ho hagaragarira ubuntu butangaje bw'Imana.

**Inyigisho z'Iyobokamana mu mwaka wa gatatu** zizashingira cyane ku kigero cy'umwana kugira ngo zisubize ibibazo bikomeye yibaza ku mibabaro n'ibyishimo bya hano ku isi; Ubuzima n'urupfu; amahoro n'intambara n'uko umukristo akwiye kubyitwaramo.

Muri ibyo byose ni ngombwa kwifashisha inama ku myigishirize y'isomo ry'Iyobokamana ziri ku iherezo ry'iki gitabo.

*“Inyigisho zishyitse wanyumvanye uzifateho urugero uzajya ukurikiza, bityo ukomere kuri Kristo Yezu umwizeye kandi ufite urukundo. Ibyiza washinzwe ubirinde ufashijwe na Mwuka Muziranenge uba muri twe.“(2 Tim1:13-14).*

Imana ibahe umugisha!

# **INYIGISHO Y'IYOBOKAMANA UMWAKA WA KABIRI**

## **W'AMASHURI ABANZA**

### **UMUTWE WA I: GUCUMURA KWA ADAMU NA EVA**

#### **Intego rusange:**

*Kugaragariza abandi uko Adamu na Eva bacumuye, ingaruka igicumuro cyabo cyasigiye bene muntu bose n'uko impuhwe z'Imana zigaragaje.*

#### **ICYIGISHO CYA 1: IGICUMURO CYA ADAMU NA EVA MU NGOBYI YA EDENI**

#### **Intego yihariye:**

*Kwerekana uko Adamu na Eva bacumuriye ubwo bari mu busitani bwa Edeni.*

#### **Dusome: Intang 2:8-9**

**Intang 2: 16-17**

**Intang 3:4-5**

**Rom 6:23**

Imana yaremye Adamu na Eva ibatuza mu busitani bwa Edeni bafite ubuzima bwiza. Babayeho mu munezero kuko muri ubwo busitani Imana yari yarabahaye byose bakeneye. Uwo munezero ntiwarambye kuko Satani yaje kwanduza umubano wabo akanabatandukanya n'Umuremyi wabo akoresheje uburiganya n'ubushukanyi. Satani waje mu ishusho y'inzoka, yazaniye umuntu amabwiriza anyuranye nayo Imana yari yaramuhaye yo kutarya ku gitи yamejeje hagati mu busitani kimenyesha icyiza n'ikibi.

Itegeko ry'Imana ryari uko bemerewe kurya ku giti cyose cyo muri ubwo busitani ariko icy'ubwenge no kumenyesha ikibi n'icyiza ntibakiryе (Intang 2:16-17).

Mu gihe Imana yashyiraga umuntu mu busitani bwa Edeni yanamumenyesheje ko agomba kumvira amategeko y'Imana yayarengaho akagira ingaruka zo kurenga kuri iryo tegeko: « *Ntuzazirye kuko nuzirya uzapfa nta kabuza*» (Intang 2:17b). Umushukanyi yagerageje kumvisha umuntu ko nta ngaruka azagira umunsi yariye imbuto z'icyo giti ahubwo amwereka imibereho myiza azagira nyuma yo kuzirya (Intang 3:4-5). Dore ibyo Satani yijeje Eva:

- Kudapfa
- Guhweza kw'amaso (Ubushishozi)
- Guhindurwa nk'Imana
- Kumenya icyiza n'ikibi

Ayo magambo ya Satani yashyize Eva mu ntege nke dore ko yari yamwihereranye, arenga ku itegeko ry'Imana arya kuri izo mbuto ndetse aha na Adamu umugabo we. Satani yari arangije umurimo we, hari hasigaye gusa gutegereza ingaruka zabyo.

Biragarara rero ko umuntu atari anejejwe n'umwanya Imana yamuhyaye mu isi. Yashakaga kugira umudendezo mu gukurikiza inzira ze kandi akikorera ibyo ashaka wenyine atagendeye ku itegeko ry'Imana. Yashakaga kuba nk'Imana, byatumye asuzugura itegeko ryayo. Icyo cyaha cyamugizeho ingaruka we n'abamukomotseho nk'uko Pawulo abitubwira agira ati «*kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho duherwa muri Kristo Yezu Umwami wacu*» (Rom 6:23).

Twirinde kwica amategeko y'Imana kugira ngo tudahura n'ingaruka nk'izo Adamu na Eva bahuye nazo. Mu bukristo bwacu, ni ngombwa kubaha Imana tukubahiriza amategeko yayo n'Ijambo ryayo dusanga muri Bibiliya twirinda gukora ibyaha. Ni byo koko “*kubaha Uhoraho ni bwo bwenge kandi kuzibukira ibyaha ni ko kujijuka*” (Yobu 28: 28).

**Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Ibihembo by’ibyaha ni urupfu, ariko impano y’Imana ni ubugingo buhoraho duherwa muri Kristo Yezu Umwami wacu,, (Rom 6:23).*

**Isuzuma:**

1. Ni ayahe mabwiriza Imana yahaye Adamu na Eva imaze kubashyira mu busitani bwa Edeni?
2. Ni izihe ngaruka Imana yamenyesheje umuntu naramuka ariye ku giti yamubujije?
3. Ni iyihe mibereho inzoka yijeje umuntu namara kurya imbuto Imana yamubujije?

## **ICYIGISHO CYA 2: INGARUKA IGICUMURO CYA ADAMU NA EVA CYASIGIYE BENE MUNTU.**

**Intego yihariye:** *Kuvuga ingaruka igicumuro cya Adamu na Eva cyasigiye bene muntu.*

**Dusome: Intang3:14-24**

**Intang4:1-15**

**1Kor 15:22**

### **Ibihano Imana yatanze Adamu na Eva bamaze gucumura**

Nyuma yo gucumura, Imana yahannye Adamu, Eva n'inzoka. Dore bimwe mu bihano byatanzwe:

- Adamu: kubona ibyo kumutunga arushye, gupfa...
- Eva: kubyara ababara, ibyifuzo bye bizasubizwa n'umugabo we, gupfa...
- Inzoka: gukururuka hasi, urwangano hagati y'inzoka n'umuntu, kurya umukungungu, gupfa...

### **Ingaruka igicumuro cya Adamu na Eva cyasigiye abantu bose**

Imana imaze guha Adamu na Eva ibihano bibakwiye no kubirukana mu busitani bwa Edeni, batangiye ubuzima buruhije bwo kurya biyushye akuya, no kubyara barushye. Ibyo bari barahawe kurinda no gutegeka nabyo byagezweho n'umuvumo kugeza no ku butaka bagombaga gukuramo ibibatunga. Ngubwo ubuzima bene Adamu babayemo kugeza n'uyu munsi: imiruho, imibabaro, agahinda n' ishavu. Ibyo byose bikagira iherezo igithe umuntu apfuye, kuko ibihembo by'ibaya ari urupfu (Rom 6:23a).

Imana yahaye Adamu kurama kugeza ku myaka 930. Yashoboye kwibonera ingaruka z'icyaha zahereye ku rupfu rw'umuhungu we Abeli ariwe muntu wa mbere wapfuye bityo aba umuhamya w'urubyaro ruzakurikiraho.

### **Yezu Kristo yaje gukuraho ingaruka z'icyaha cya Adamu na Eva**

Nubwo bimeze bityo ntitugomba gukurwa umutima n'imbabaro duhura nayo kubw'icyo gicumuro. Abemera Yezu Kristo bazazuka bagororerwe ubugingo buhoraho aho bazaba mu isi nshya itagira imbabaro. Abatemera Yezu Kristo bazazukira kubaho mu muriro w'iteka kuko bazaba baragomeye Imana bakiri kuri iyi si.

Mu buzima busanzwe, Abakristo bahura n'imbabaro inyuranye ariko kandi iyo bizeye Yezu Kristo abashoboza kuyihanganira no kuyinesha. Yezu Kristo yaje mu isi kugira ngo yikorere n'imbabaro y'abantu bose bamwemera kandi bakamwizera. Ijambo ry'Imana rihumuriza abarushye n'abaremewe maze muri Kristo Yezu bakanezerwa bakaba abanyamahoro.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Nk'uko abo mu rubyaro rwa Adamu bose bapfa, ni ko abo muri Kristo bose bazabaho,,*  
*(1 Kor 15:22).*

### **Isuzuma:**

- 1- Vuga ibihano Imana yatanze nyuma yo gucumura
  - a) Kuri Adamu
  - b) Kuri Eva
  - c) Ku nzoka
- 2- Ni ryari imbabaro y'umuntu ku isi irangira?
- 3- Twabonye ko ingaruka z'icyaha ari urupfu. Ni nde muntu wa mbere wagezweho n'ijo ngaruka?

## **ICYIGISHO CYA 3: IMPUHWE N'URUKUNDO BY'IMANA MU ICUMURA RY'UMUNTU**

### **Intego yihariye:**

*Kuvuga uburyo Imana yagaragaje impuhwe n'urukundo byayo nyuma y'icumura ry'umuntu.*

**Dusome: Intang 3: 21-24**

**Yh 3: 16-17**

**Heb 4:7b**

### **Imana yohereza abamarayika kurinda ubusitani bwa Edeni**

Imana yerekanye urukundo ikunda umuntu yaremye mu ishusho yayo nyuma yo gucumura. Ibyo yabigaragaje ubwo yoherezaga abamarayika bayo kurinda ubusitani bwa Edeni kugira ngo umuntu atarya ku mbuto z'igitu cy'ubugingo bityo akazabaho mu mibabaro itagira iherezo (Intang 3: 24).

### **Imana yambika Adamu na Eva**

Imana yanagaragaje urukundo ikunda abo yaremye yambika Adamu na Eva. Nyuma yo gucumura, Uwiteka akorera Adamu na Eva imyambaro mu mpu, arayibambika (Intang 3, 21) maze abohereza hanze y'ibusitani bwa Edeni mu buzima bushya bwo guhinga ubutaka ngo abone ibyo kumutunga we n'umugore we n'abazamukomokaho bose.

### **Imana itanga amategeko azafasha mwene muntu mu buzima bwe**

Muri ubwo buzima bushya kandi Imana ntiyaretse kumugenderera no kumwureka inzira ikwiye agomba kunyuramo nicyo cyatumye imuha impano y'amategeko ngo amuyobore, amenye gutandukanya ikibi n'icyiza, icyejejwe n'ikitejejwe.

### **Imana icungura mwene muntu muri Yezu Kristo**

Imana yabikoraga mu mugambi wo kumucungura uzasohorera muri Yezu Kristo umwana wayo uzaza mu isi akigira umuntu ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho (Yh 3: 16).

Imana ni inyembabazi, mu ntege nke no mu byaha, ikomeza kugenderera umuntu no kumubera igisubizo cy'ibibazo.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe :**

*"Imana yakunze cyane abantu bo ku isi yose, ku buryo yatanze umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese adapfa burundi, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho,, (Yh 3:16).*

### **Isuzuma:**

1. Vuga ibintu bitatu byerekana urukundo rw'Imana ku bantu?

## **UMUTWE WA II: KWEMERA (KWIZERA) KWA ABURAHAMU**

### **Intego rusange:**

*Kugaragaza no gutanga ingero z'ibikorwa Aburahamu yakoze kugira ngo agaragarize Imana ko ayemera.*

## **ICYIGISHO CYA 1: IHAMAGARWA RYA ABURAHAMU**

### **Intego yihariye:**

*Kugaragaza uko Imana yahamagaye Aburahamu, uburyo yayumviye muri byose n'uburyo yamuhaye amasezerano.*

### **Dusome: Intang 12: 1-5**

### **Aburahamu uwo ari we**

Aburahamu yari umworozzi afite imikumbi y'ihene n'intama. Yari atuye i Harani nyuma aza kwimukira mu misozi ya Palesitina ashakisha urwuri rw'umukumbi we. Yakomokaga mu muryango w'abapagani usenga ibigirwamana (Yoz 24:2). Aburahamu yari afite umugore witwa Sara.

### **Ihamagarwa rya Aburahamu**

Ihamagarwa rya Aburahamu ryerekana intambwe nshya mu mibanire y'Imana n'abatuye isi. Aburahamu akomoka muri Uri i Babuloni. Yahamagawe n'Imana kuva mu gihugu cy'abasekuruza be ngo ajye gutura i Harani mu majyaruguru ya Mezopotamiya: “Va mu gihugu cyanyu, usige bene wanyu n'inzu ya so, ujye mu gihugu nzakwereka”

(Intang 12: 1).

Imana yahamagaye Aburahamu ashaje n'umugore we Sara atakibyara. Muri icyo gihe, Aburahamu yari afite imyaka 75 y'amavuko. Igihe Imana yamuhamagaraga, Aburahamu yasubizanyije ukwizera, yemera kuva mu gihugu yari atuyemo, yemera gusiga inzu ya se n'indi mitungo itimukanwa nk'ubutaka..., yemera kujyana n'umugore we Sara n'umuhungu wabo Loti n'ibyo bari batunze bishobora kwimukanwa nk'amatungo...bajya mu gihugu cy'i Kanani.

### **Aburahamu ahabwa isezerano**

Aburahamu n'abo bari kumwe bageze i Shekemu bubaka igicaniro. Aburahamu asenga Imana yambaza izina ry'Uwiteka. Imana iramubonekera imuha isezerano: «*Abagukomokaho nzabagira ubwoko bukomeye, nawe nzaguha umugisha. Nzakugira ikirangirire, uzahesha abandi umugisha. Abazagusabira umugisha nzabaha umugisha, abazakuvuma nzabavuma. Amahanga yose azaguherwamo umugisha.*” (Intang 12:2-3).

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

“*Abagukomokaho nzabagira ubwoko bukomeye, nawe nzaguha umugisha. Nzakugira ikirangirire, uzahesha abandi umugisha. Abazagusabira umugisha nzabaha umugisha.*”  
(Intang 12:2)

### **Isuzuma:**

1. Imana yahamagaye Aburahamu ari umwizera w'Imana Rurema. Oya cyangwa Yego?
2. Ni ikihe gihugu cy'amavuko cya Aburahamu?
3. Imana yahamagaye Aburahamu akiri umusore. Yego cyangwa Oya?
4. Ni irihe sezerano Imana yahaye Aburahamu?

## **ICYIGISHO CYA 2: IMANA ISEZERANYA ABURAHAMU UMWANA**

**Intego yihariye:** Kwerekana uburyo Imana itanga amasezerano kandi ko amasezerano yayo adahera.

**Dusome: Intang 17: 15-16**

**Intang18:10**

**Intang 21:1-3**

**Gal 3:29**

### **Kwizera kwa Aburahamu**

Imana yabonekeye Aburahamu imusaba kuva mu gihugu cya basekuruza be agasiga inzu ya se akajyana umugore we Sara n'ubutunzi bwe mu gihugu Imana izamwereka. Aburahamu yaremeye maze mu kwizera Imana aragenda, Imana imuha gutura mu gihugu cy'i Kanani.

### **Imana isohoza amasezerano yahaye Aburahamu**

Imana imaze kubona kwizera kwa Aburahamu, yamusezeranje ibintu byinshi harimo: kumuha umugisha, kumuha urubyaro no kugwiza urubyaro rwe, kugira ubutunzi, guhesha abandi umugisha, kuba ubwoko bukomeye...

Nyuma Imana yaje gusezeranya Aburahamu umwana w'umuhungu: “*Undi mwaka iki gihe mzagaruka iwawe, kandi umugore wawe Sara azaba yarabyaye umwana w'umuhungu*”. (Intang18: 9)

Aburahamu yakiranye ukwizera isezerano ry'Imana nubwo rikubiyemo ibintu bikomeye. Ariko kuko nta kinanira Imana, Aburahamu ntiyashidikanije ko Imana izasohoza imigambi yayo. Kugwiza urubyaro rukangana n'inyenyeri zo mu ijuru cyangwa n'umusenyi wo ku nyanja byasabaga ukwizera gukomeye ku muntu wari ugeze muzabukuru kuko yari afite imyaka 100 kandi ni umugore we Sara akaba yari yaracuze atakibyara afite imyaka 90 y'amavuko.

### **Isezerano ry'Imana ryasohoreye muri Yezu Kristo**

Isezerano ry'Imana ryaje gusohora nk'uko yari yarabivuze. Aburahamu na Sara bayaye umwana w'umuhungu bamwita Isaka (Intang 21:5) ari nawe waje gukomokwaho umukiza w'isi ari we Yesu Kristo. Ngiryo isezerano rishya twahawe. Kubw'ibyo rero, ubwo muri aba Kristo, muri urubyaro rw'Aburahamu kuko ariwe Sekuruza w'abizera bose. Muri kandi n'abaragwa b'Ubwami bw'Imana nk'uko byasezeranijwe (Gal 3:29).

Imana yagiranye isezerano na Aburahamu ikarikomeza. Abakristo nabo bayizera bakanayubaha igirana nabo amasezerano menshi kandi ntakizatuma itabisohoza rwose. Muri byinshi Imana idusezeranya harimo ubugingo buhoraho, ubuzima bwiza, ubutunzi, amahoro, umunezero, ubwenge....

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Ubwo rero muri aba Kristo, muri urubyaro rwa Aburahamu bityo mukaba abo Imana yasezeranije umunani,, (Gal 3:29).*

### **Isuzuma:**

1. Kuki Aburahamu n'umugore we Sara babonaga ko isezerano ry'Imana rikomeye?
2. Umwana wasezeranyijwe Aburahamu ni nde?
3. Ni ibiki Imana idusezeranya muri iki gihe?

## **ICYIGISHO CYA 3: ABURAHAMU ATANGAHO UMWANA WE IZAKI IGITAMBO.**

### **Intego yihariye:**

*Kwerekana ko kwizera Imana ari impano ikomeye kandi ko ibyo dutunze byose ari iby'Imana.*

**Dusome:      Intang 22:1-14**

**Rom 12: 1**

### **Imana isaba Aburahamu gutanga Izaki umwana we akaba igitambo cyoswa**

Hashize igihe kirekire isezerano ry'Imana ribona gusohora. Umwana Aburahamu yasezeranijwe aravuka, ni we Izaki. Uwo muhungu yari ikimenyetso kizima kigaragara cy'isezerano ry'ubumwe hagati y'Imana n'Aburahamu. Ariko hashize igihe, Imana yahaye Aburahamu ikigeragezo gikomeye. Yaramuhamagaye iramubwira iti« *Jyana Izaki umuhungu wawe w'ikinege ukunda, ujye mu karere ka Moriya. Nugerayo nzakwereka umusozi uzamutambiraho igitambo gikongorwa n'umuriro.*» (Intang 22:2).

### **Aburahamu yemera gutangaho umwana we Izaki igitambo cyoswa**

Aburahamu ntiyashidikanyije, yafataga Ijambo ry'Imana n'amasezerano yayo nk'ukuri. Aburahamu yafashe umwana we Isaka maze bajyana ku musozi bitwaje inkwi zo guvana. Bahageze yubaka igicaniro afata umwana we Isaka aramuboha, amurambika hejuru y'igicaniro. Afata umushyo ngo amusogote, nuko yumva ijwi ry'umumarayika w'Uhoraho rigira riti: “*Aburahamu, Aburahamu, (...) Reka uwo mwana. Ntugire icyo umutwara. Ubu menye uko wubaha Imana kuko utayimye umwana wawe w'ikinege.*”

(Intang 22:11-12)

Aburahamu yubura amaso, abona inyuma ye imfizi y'intama amahembe yayo afashwe mu gihuru. Aragenda arayifata ayitambaho igitambo cyoswa mu cyimbo cy'umuhungu we akunda cyane, basubira imuHIRA banezerewe rwose.

### **Aburahamu asobanukirwa urukundo rw'Imana**

Nyuma y'icyo gikorwa, Aburahamu yaboneyeho kwiga uko urukundo rw'Imana ruhenda n'ukuntu kugirana nayo ubucuti bisaba byinshi. Ibyo umuntu atunze byose, nawe ubwe n'ibyo ashobora gukora byose, agomba kubitura Imana, kandi agomba guhora yiteguye kurekura no kureka byose kubera ko Imana yaka byose. Agomba kwemera gusiga umuryango we, gutanga ubutunzi bwe n'ubutegetsi bwe n'imbaraga ze zose akitangaho igitambo. Intumwa Pawulo abitubwira agira : «*Bavandimwe, kubera ko Imana yabahaye imbabazi, ndabinginga ngo mwitange maze mube ibitambo bizima byeguriwe Imana biyishimisha. Uko ni ko kuyikorerea kubakwiriye* ». (Rom 12, 1)

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

“ *Aburahamu, Aburahamu, (...) Reka uwo mwana. Ntugire icyo umutwara. Ubu menye uko wubaha Imana kuko utayimye umwana wawe w'ikinege.* ” (Intang 22:11-12)

### **Isuzuma:**

1. Vuga mu magambo make uko Aburahamu yagiye gutamba umuhungu we Izaki?
2. Ni iki wakorera Imana ngo uyigaragarize urukundo igukunda?

## **UMUTWE WA III: IMANA ITABARA ABISIRAHERI MU MISIRI**

### **Intego rusange:**

*Kugaragaza uko Imana yakomeje isezerano yagiranye na Aburahamu n'uko yerekanye ukuboko kwayo gukomeye mu kuvana Abisirayeli mu buretwa mu.*

## **ICYIGISHO CYA 1: UBURETWA BW'ABISIRAYELI MU MISIRI**

### **Intego yihariye:**

*Gusobanura uko Abisiraheli bagwiriye mu Misiri n'uko Abanyamisiri babakoresheje uburetwa.*

**Dusome: Kuv 1:1-14**

**Kuv 5**

### **Uburetwa ni iki?**

Uburetwa ni imirimo y'agahato itagira igihembo ikoreshwa abantu, akensi ikabangamira abayikora mu buzima n'imibereho yabo ya buri munsi. Abayikora nta burenganzira busesuye bagira, nta bwigenge, nta kiruhuko, nta bwisanzura, nta jambo, nta n'igihembo bahabwa.

### **Abisiraheli bakoreshwa imirimo y'uburetwa mu Misiri**

Abisiraheli bari umuryango umwe, utuye mu gihugu cya Misiri aho bari mu buhungiro. Aho mu Misiri bari barahungiyeyo kubera inzara yari yarateye mu gihugu cyabo bajyayo bagiye gushakisha ibyo kurya. Abisiraheli bagezeyo bakiriwe neza barabyara baragwira, bab umuryango munini kandi wubahwa kuko Yozefu, mwene Yakobo, wari

waragurishijwe n'abavandimwe be yageze mu Misiri aba umuntu ukomeye cyane mu butegetsi bw'igihugu yakijije inzara.

Nyuma y'imyaka myinshi, Abisiraheli aribo bana ba Yakobo bari barahungiye mu gihugu cya Misiri ku bw'inzara bari bamaze kwiyongera cyane ari ibihumbi byinshi. Umuvandimwe wabo Yozefu amaze gupfa bambuwe uburenganzira bari bafite ku bintu bimwe na bimwe, bahindurwa abaretwa, bakora imirimo y'agahato yo kubaka ibyo Leta yabategekaga.

### **Imirimo y'agahato n'ibikorwa by'uburetwa Abanyamisiri bakoreshaga Abisiraheli**

- Kubumba amatafari no kuyotsa,
- Kubaka amazu manini cyane,
- Gucukura amabuye n'imicanga byo kubaka,
- Gukora imihanda n'indi mirimo myinshi,
- Gukubitwa ibiboko,
- Gufungwa bazira akarengane,
- Rimwe na rimwe bamwe bakicwa.

Birumvikana ko Abisiraheli bari bafitiye Abanyamisiri akamaro kuko babakoreraga imirimo y'uburetwa nta gihembo. Ariko kandi Abanyamisiri banatinyaga Abisiraheli kuko bari bamaze kuba benshi; bakagira impungenge ko haramutse hateye intambara, bakwifatanya n'abanzi babo. Icyo nicyo cyateye Abanyamisiri kubagirira nabi bikabije bakabahindukira nk'ibirura n'abagome.

Ibyo byatumye Abanyamisiri bibona nk'abantu bahugutse, bameze neza kandi batera imbere kurusha Abisiraheli. Abisiraheli bamaze imyaka magana ane yose mu mirimo y'uburetwa.

### **Mu buretwa Abisiraheli bakomeje kwizera Imana yabo**

Muri iyo myaka yose, Abisiraheli ntibigeze bihakana Imana yabo ngo bifatanye n'Abanyamisiri mu gusenga ibigirwamana byabo, ahubwo bakomeje kubaha Imana yabo no kuyisenga kugeza ubwo yaje kubatabara ikabakiza imirimo y'uburetwa bakoreshwaga n'Abanyamisiri.

Abakristo benshi iyo bahuye n'ibibagerageza by'uburyo butari bumwe bava mu kwizera Imana ndetse bamwe bakumva ko Imana yabatereranye itakiri kumwe nabo. Iyi myumvire ntabwo ariyo kuko Imana ntitererana abantu bayo bari mu makuba iyo bakomeje kuyizera nk'uko bikwiriye. Abisiraheli bari mu Misiri, igihe cyarageze Imana irabatabara, ibakiza imirimo y'uburetwa bakoreshwaga n'Abanyamisiri.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Ntimwibwire ko Uhoraho ari umunyantege nke, ntimwibwire ko atabasha kubakiza, ntimwibwire ko yazibye amatwi ngo atumva.,, (Izayi 59, 1)*

*“Hahirwa umuntu wihanganira ibimugergeza, kuko Imana nibona ko atsinze izamuhemba ikamba ry'ubugingo yasezeranyije abayikunda.,, (Yak 1, 12)*

### **Isuzuma:**

1. Ni iki cyateye bene Yakobo gusuhukira mu Misiri?
2. Vuga imwe mu mirimo Abisiraheli bakoraga mu buretwa?
3. Igihe cyarageze Abanyamisiri batinya cyane Abisiraheli. Ku yihe mpamvu?

## **ICYIGISHO CYA 2: IVUKA RYA MUSA**

### **Intego yihariye:**

*Gutekerereza abandi inkuru y'ivuka rya Musa n'ukuntu yarokotse itsembabwoko ryateguwe na Farawo.*

### **Dusome: Kuv 2:1-10**

#### **Uburyo Musa yavutsemo n'imibereho ye mu Misiri**

Mose yavukiye mu gihugu cya Misiri mu bihe Abisiraheli bari mu buhungiro bakoreshwa imirimo y'uburetwa n'Abanyamisiri. Musa yavutse kandi mu gihe Umwami Farawo wa Egiputa yari yategetse ko abana b'abahungu b'Abisiraheri bakivuka bazajya bicwa kugira ngo Abisiraheli badakomeza kugwira. Nyina wa Musa amaze kumubyara yamuhishe mu ruzi maze aza gutoragurwa n'umukobwa wa Farawo aramuujyana aramurera akurira i bwami kwa Farawo amwita izina rya Musa risobanura uwakuwe mu mazi. Musa yarigishijwe, akura neza, atozwa iby'intambara nk'umwana wose w'umwami, aba igikomangoma, umuntu ukomeye ibwami. Ibyo byose rero byamutoje kuba umuntu ushyira mu gaciro n'umuyobozi w'abandi. Musa ntiyigeze anezezwia n'imirimo y'uburetwa yakoreshwaga Abisiraheli.

#### **Imana isohoza umugambi wayo wo gukiza abantu**

Nubwo ubwoko bw'Imana bwakoraga uburetwa, Imana yakomeje umugambi wayo wo kubucungura. Uwo mugambi ukomezwa n'ivuka ry'umwana Musa warokotse ku bw'ububasha bw'Imana kandi abenshi barishwe. Uko kurokoka kwahesheje Musa kurererwa i bwami bityo yigirayo iby'ubuyobozi.

Ibyo yabonye byose n'uko yarezwe byamuteguyemo umuyobozi wari utegerejwe n'ubwoko bwe. Kubera ko yari yararezwe neza yabashije no kwiga imihango y'ubwoko bwe, akababazwa n'uburetwa bakorehwaga.

Ibyagendaga bisohora kuri Musa ntiyabashije kumenya ibisobanuro byabyo muri icyo gihe byabaga. Igihe yajyaga ku musozi agasanga umwisiraheli akubitwa n'umunyamisiri maze akica uwo munyamisiri, ntabwo yamenye ko ubwo ari ukwifatanya n'ubwoko bwe bwarenganywaga. Yakoze gusa nk'ibyo undi yakora atabara. Igihe kandi yamenyaga ko iby'urwo rupfu byamenyekanye maze agahunga, kuri we byari bimumereye nk'aho amizero ye arangiye. Ntiyatekereza ko iyo ari intangiriro yo kwitegura umurimo munini yari agiye kuzakora mu mibereho ashigaje. Igihe yahungiye i Midiyani yabaye kwa Yetiro umutambyi waho amuragirira intama ndetse aza no kurongora Zipora umukobwa we.

Ivuka rya Musa ryashushanyaga umugambi w'Imana wo gukiza ubwoko bwayo binyuze muri Musa. Uwo mugambi kandi wasohoye muri Yezu Kristo waje gukiza abantu bose ububata bwa Satani babiheshejwe no kwizera Yezu Kristo. Yezu Kristo yavukiye mu isi kugira ngo arengere abantu, abakize ibyaha n'urupfu rw'iteka.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Umwana amaze gukura, nyina amushyira umukobwa w’umwami. Uwo mukobwa amugira umwana we, maze amwita Musa kuko yamukuye mu mazi.,, (Kuv 2, 10)*

### **Isuzuma:**

1. Mose yarerewe he?
2. Izina Musa risobanura iki?
3. Ni iki cyateye Musa guhunga?
4. Ni uwuhe mwuga Musa yakoraga ari mu buhungiro ?
5. Ivuka rya Musa n’umuhamagaro we byashushanyaga iki?

## **ICYIGISHO CYA 3: IMANA IBONEKERA MOSA**

### **Intego yihariye:**

*Kugaragaza uko Imana yabonekeye Musa n'ubutumwa yamuhaye.*

### **Dusome: Kuv 3:1-12**

#### **Intu 9:1-9**

### **Imana ibonekera Musa mu butayu**

Mu gihe Musa yavaga mu Misiri ahunze yageze mu butayu aba umushumba w'intama za Yetiro waje kumushyingira umukobwa we Zipora. Igihe kimwe Musa ari ku gasozi aragiye intama za sebukwe, Imana imubonekera mu gihuru cy'aka umuriro ariko ntigikongoke. Musa agira amatsiko yo kumenya ibyo ari byo maze aracyegera yumva ijwi ry'Imana rimuhamagara rimubwira ko aho ahagaze ari ahera. Imana iramwibwira kandi imutuma ku Abisiraheri no kuri Farawo mu Misiri.

### **Ubutumwa Imana yahaye Musa**

Imana yabanje kwibwira Musa iti : « *Ndi Imana ya so, Imana ya Aburahamu n'Imana ya Izaki n'Imana ya Yakobo.* » (Kuv 3 : 6) Imana imuha ubutumwa agomba gusohoza. Imana yamutumye gusubira mu Egiputa gukurayo ubwoko bwayo, aribo Abisiraheli :

« *Nabonye uko ubwoko bwanjye bukoreshwa agahato mu Misiri, numva no gutakamba kwabwo. Akababaro kabwo ndakazi. None ndamanutse ngo nkure Abisiraheli mu Misiri mbajyane mu gihugu cyiza kandi cyagutse, gitemba amata n'ubuki...None ngutumye k'umwami wa Misiri, kugira ngo ukure ubwoko bwanjye mu gihugu cye.* » (Kuv 3 : 7-10)

## **Musa yemera gutumwa n'Imana no kuba igikoresho cyayo**

Imana yavuganaga na Musa ni Imana yanga akarengane n'agahato. Ibyo Musa yahishuriwe byahamyaga ko Imana ijya ikuraho ishyanga rikiranirwa ikarisimbuza irikiranuka. Iyo Imana itamwiyereka ngo imwimenyekanisheho, Musa ntiyari gushobora gucungura Abisiraheli, kandi ubwo bwoko bwari kuzivanga n'andi moko, maze izina ryabwo rigasibangana ku isi.

Mose amaze gusobanukirwa neza amenya ko Imana imuhamagarira umurimo ukomeye wo kujya mu gihugu cya Misiri maze agasaba Farawo kureka ubwoko bw'Abisiraheli bukava muri ciyo gihugu bukajya mu gihugu cyiza Imana yasezeranje kuzabaha. Musa yemera kuba igikoresho cy'Imana muri uwo mugambi wayo wo gukiza no kubohora Abisiraheli.

Muri iki gihe, Imana ivugana mu buryo bwinshi n'abayikunda kandi bakayizera. Mu gihe rero isabye umuntu kuyibera igikoresho mu gusohoza umugambi wayo ni ngombwa kwemera gukoreshwa nayo nk'uko Musa yabikoze.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

“ *None ngutumye k’umwami wa Misiri, kugira ngo ukure ubwoko bwanje mu gihugu cye.* „ (Kuv 3:10)

### **Isuzuma:**

1. Imana yabonekeye Musa ari he kandi akora iki?
2. Ni ikihe gitangaza Musa yabonye mbere y'uko ijwi ry'Imana rimuhamagara?
3. Ni ubuhe butumwa Imana yahaye Musa imaze kumwiyereka?
4. Ese Musa yemeye kuba igikoresho cy'Imana?

## **ICYIGISHO CYA 4: IBYAGO CUMI**

### **Intego yihariye:**

*Kuvuga ibyago cumi Uhoraho yateje Misiri n'uburyo Farawo yinangiye umutima.*

### **Dusome: Kuv 7:14-25**

#### **Kuv 8-11**

### **Musa imbere ya Farawo mu Misiri**

Musa amaze guhabwa ubutumwa bwo kujya mu Misiri gukurayo Abisiraheli, yageze mu Misiri ajya kureba Farawo no kumubwira ko Imana agomba kureka ubwoko bw'Imana bukava mu Misiri bukajya mu gihugu Imana yabasezeranije kubamo bakanakorerayo Imana yabo uko bikwiriye. Farawo yanze kwemera ubwo butumwa bw'Imana maze akomeza kwinangira umutima niyo mpamvu Imana yagiye imuteza ibyago bikomeye.

### **Ibyago 10 Imana yateje Abanyamisiri**

Uhereye mu gice cya 5 ukageza ku gice cya 15 mu gitabo cy'Ukuvanwa mu Misiri, dusangamo uko ibintu byagiye bikurikirana mu Misiri kugeza ku gucungurwa kw'Abisiraheli. Ntibyoroheye Farawo kumva ubutumwa Imana yari yahaye Musa. Ibitangaza Imana yakoreshheje Musa byari bigamije kwereka umwami Farawo ko akwiye kureka Abisiraheli bakava mu Misiri ariko Farawo n'Abanyamisiribakomeje kunanirana kugeza ku cyago cya 10 cyatumye Farawo n'Abanyamisiri bemera ko Abisiraheli bava mu Misiri. Dore uko ibyo byago 10 byakurikiranye:

1. Amazi ahinduka amaraso
2. Igihugu cyuzura ibikeri
3. Hatera inda

4. Hatera ibibugu
5. Hatera muryamo
6. Hatera ibisebe
7. Hatera urubura
8. Hatera inzige
9. Hacura umwijima
10. Kwicwa kw'abana b'imfura b'Abanyamisiri.

Musa yabwiye Farawo ko ibyo byago ari ikimenyetso cy'uburakari Imana imufitiye kubera ko arenganya Abisirayeli. Bigitangira Farawo ntiyabyitayeho cyane ariko nyuma ibantu bikomeye, abonye icyorezo cy'urupfu giteye mu bana b'imfura z'Abanyamisiri no mu buriza bwamatungo yabo, Farawo noneho ahindura imigambi arabareka baragenda.

Ibyanditswe byerekana ko Abisiraheli bahagurutse ahagana mu mwaka wa 1290 mbere yo kuvuka kwa Yezu Kristo, ku ngoma y'umwami Ramusesi wa 2 wa Misiri. Mu mateka yabo, Abisirayeli bakomeje kujya bibuka uko gucungurwa mu minsi mikuru ya Pasika.

### **Yezu Kristo, Umucunguzi w'abantu bose**

Twibuke kandi ko uwo munsi wa Pasika wo gucungurwa kwabo byahanuraga ifunguro rya nyuma, igihe Yezu yatekererezaga abigishwa be gucungurwa nyakwo Imana yateguye kugira ngo ikure abantu mu buretwa bw'ibyaha. Iyo twizihiza Pasika uyu munsi, tuba twibuka urupfu no kuzuka by'Umwami wacu Yezu Kristo waducunguje amaraso ye ku musaraba i Gologota. Imana idusaba kutinangira imitima ahubwo tukemera ubushake bwayo kandi tukagendera mu Ijambo ryayo nk'uko bikwiriye.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

“*Uyu munsi nimwumva icyo Imana ibabwira, ntimwinangire imitima.,,* (Heb 4, 7b)

### **Isuzuma:**

1. Vuga ibyago cumi Imana yateje Abanyamisiri?

2. Ni ikihe cyago cyatumye Farawo ava ku izima akarekura ubwoko bw' Abisiraheli?
3. Ni uwuhe munsi mukuru Abisiraheli bibukiraho gucungurwa kwabo?
4. Iyo Abakristo bizihiza umunsi mukuru wa Pasika baba bibuka iki?

## **ICYIGISHO CYA 5: ABISIRAHELI BAMBUKA INYANJA ITUKURA**

### **Intego yihariye:**

*Kuvuga uko abaisirayeli bambutse inyanja itukura n'ibitangaza Imana yabakoreye.*

### **Dusome: Kuv 14**

**Heb 11:29**

### **Abisiraheli bitotombera Musa bageze ku nyanja itukura bava mu Misiri**

Mu gihe Abisiraheli bari bageze mu butayu bagana mu gihugu cy'isezerano, bahuye n'ingorane. Inyuma yabo ingabo za Farawo zari zabakurikiye kugira ngo zibagarure mu Misiri mu mirimo y'uburetwa. Imbere yabo hari inyanja itukura kandi bari benshi cyane banafite amatungo n'ibintu k'uburyo batashoboraga kubona uko bambuka iyo nyanja. Bagize ubwoba cyane bibatera kwitotombera Musa no kumubwira nabi bamubaza impamvu yabakuye mu Misiri akabazana gupfira mu butayu.

### **Abisiraheli bambuka inyanja itukura n'uburyo Imana yabakijije.**

Musa yabasabye gutuza no kwizera Imana ni ubwo bwose imbere yabo hari inyanja itukura batashobora kwambuka naho inyuma yabo hakaba ingabo z'Abanyamisiri zari zibakurikiye zishaka kubasubiza mu Misiri

Musa yatakiye Imana ayisaba gukiza Abisiraheli. Imana yarabikoze maze itandukanya amazi y'inyanja mo kabili habonekamo inzira Abisiraheli bambukiramo. Ingabo za Farawo ziyagezemo hagati Imana isubiranya amazi zose zipfiramo. “*Ni iki gitumye untakira? Bwira Abisiraheli bakomeze urugendo. Rambura inkoni yawe hejuru y'inyanja amazi yigabanyemo kabili, maze Abisiraheli bace mu nyanja hagati nk'abagenda ku*

*butaka.... Maze mu museke inyanja isubira mu mwanya wayo, Abanyamisiri bagerageje guhunga bahura n'amazi abarengaho. Uhoraho abarimburira atyo mu nyanja.”* (Kuv 14, 16. 27)

Imibereho y'abisiraheli, nyuma y'uburetwa yari ishingiye ku kwizera ko ubwo Imana ibabatuye, ibahamagariye kuyikorera undi murimo mushya. Bamaze kubaturwa mu Misiri, Abisiraheli bakomeje kubona ibibahamiriza kenshi ko Imana ibitaho.

Iyo uca mu nzira Imana ikweretse, nta mwanzi watinyuka kugukurikira niyo yabigerageza yabona ishyano nk'irya Farawo n'ingabo ze. Mu bikomeye, Abakristo bakwiye kujya bishingikiriza ku Mana, bagakomeza kwizera kwabo kuri Kristo, umutware utwara abatware, umwami utegeka amahanga yose, umugaba w'ingabo.

#### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Mwitinya nimukomere. Iri joro nuri bwirebere ukuntu Uhoraho abakiza. Bariya Banyamisiri mureba ntumuzongera kubabona ukundi. Nimuhumure, Uhoraho ni we uri bubarwanirire.,,* (Kuv 14:13-14)

#### **Isuzuma:**

1. Ni ikihe gikoresho Musa yari afite ubwo Imana yamutegekaga kugabanya inyanja?
2. Farawo n'ingabo ze bamaze kugera mu nyanja hagati byabagendekeye bite?
3. Iyo umukristo ageze mu ngorane akwiye kugenza ate?

## **UMUTWE WA IV: URUGENDO RW'ABISIRAYELI MU BUTAYU**

### **Intego rusange:**

*Gusobanurira abanyeshuri iby'urugendo rw'Abisirayeli mu butayu nyuma yo kwambuka inyanja itukura.*

### **ICYIGISHO CYA 1: IMANA IHA ABISIRAHELI MANU**

**Intego yihariye:** *Gusobanura uburyo Abisirayeli bivovoteye Musa ku bw'inzara n'uburyo Imana yabahaye ibiryo biturutse mu ijuru ari byo manu.*

### **Dusome: Kuv 16:1-36**

#### **Abisiraheli babura ibyo kurya mu butayu bivovotera Musa**

Bamaze kwambuka inyanja itukura, Abisiraheli batangiye urugendo rururhije kuko rwari urwo mu butayu, ahantu hatagira ibyo kurya n'amazi yo kunywa. Bakomeje kwhiangana ariko ku munsi wa cumi n'itanu w'ukwezi gukurikiye uko baviriye mu Misiri, iteraniro ryose ryivovoteye Musa na Aroni ku bw'inzara n'inyota kugeza aho bifuje kwisubirira mu Misiri kuko ho ibyokurya byari bihari ku bwinshi no ku bwiza n'ubwo bwose bakoreshwaga imirimo y'agahato.

#### **Imana iha Abisiraheli manu**

Imana y'inyembabazi ntiyabatereranye muri izo ntege nke zabo, ahubwo yamanukiye kubaha ibyo kurya bivuye mu ijuru aribyo manu. Ndetse bifuje n'inyama Uwiteka

arazibaha (Kuv 16:12). Imyaka myinshi, Abisiraheli bari mu butayu batunzwe n'Imana yabo.

Imana Rurema Abakristo twizera ni inyembabazi. Ntitererana abantu bayo iyo bayubaha kandi iyo bayisabanye ibyo bakenye byose mu kwizera ntibura kubibaha. Umuntu agerageza gukora kugira ngo abone ibimutunga ariko kandi burya ibyo dufite byose ni Imana ibitanga. Imana niyo yeza imyaka, ikagusha imvura n'izuba, igatuma abantu n'ibindi biremwa bibaho.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:**

« *Uhoraho ari bubahe inyama zo kurya uyu mugoroba, naho mu gitondo azabaha imigati muyihage kuko yumvise mumwitotombera.*” (Kuv 16:8a)

**Isuzuma:**

1. Ni kuki urugendo rwo mu butayu rwari rukomereye Abisiraheli?
2. Ni ibihe byo kurya Imana yabahaye?

## **ICYIGISHO CYA 2: IMANA IHA ABISIRAHELI AMAZI**

### **Intego yihariye:**

*Gusobanura uburyo Imana yahaye Abisiraheli amazi yo kunywa ubwo bari bagiye kwicirwa n'inyota mu butayu.*

### **Dusome: Kuv 17: 1-7**

#### **Abisiraheli babura amazi bivovotera Musa**

Abisirayeli bakomeje urugendo mu butayu bagera ahantu hatari amazi. Inyota irabica, kwihangana kurabura batangira kwivovotera Musa bataka basaba ngo abasabire Imana ibahe amazi yo kunywa no gukoresha indi mirimo.

#### **Imana yumva gutaka kw'Abisiraheli ibaha amazi**

Imana yongeye kumva gutaka kwabo maze ibaha amazi. Imana yategetse Musa gufata inkoni ye maze akayikubita ku rutare Imana yari imweretse hasohokamo amazi meza Abisiraheli babona amazi gutyo (Kuv 17, 6). Imana yongera kubereka ko ari yo bakesha byose, ko ari Imana ibabeshejeho kandi ifite umugambi wo kubakiza.

Muri uru rugendo turimo rujya mu ijuru, imibabaro duhura nayo muri iyi si ituma kenshi twivovota. Tujye twibuka ko Imana iba itadutereranye. Si uko gukiza ubwoko bwayo cyangwa gutabara abari mu kaga biba byayinaniye, ahubwo ni isaha yayo iba itaragera kandi imigambi yayo kuri twe ni myiza cyane.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*«Nanjye ndahagarara imbere yawe ku rutare ruri ku musozi wa Horebu, urukubite ruravamo amazi abantu bayanywe.»* (Kuv 17:6a)

**Isuzuma:**

1. Ni iki cyateye Abisirayeli kongera kwivovota nyuma yo kubona ibyo kurya?
2. Imana yabakoreye iki?
3. Vuga uburyo igitangaza cyo kubona amazi cyakozwe?

## **ICYIGISHO CYA 3: AMATEGEKO CUMI Y'IMANA**

### **Intego yihariye:**

*Kugaragaza ko amategeko ane abanza arebana n'imibanire y'Imana n'abantu.*

### **Dusome: Kuv 20:1-17**

**Mk 12:30-31**

### **Musa avugana n'Imana ku musozi Sinayi**

Abisiraheli bari mu butayu, Musa yagiye ku musozi Sinayi kuvugana n'Imana. Aho niho Imana yamubonekeye, imuha amategeko cumi yanditse ku bisate by'amabuye. Imana iha Musa ayo mategeko kwari ukugira ngo ayashyikirize Abisiraheli bose kandi abamenyeshe ko ari ubwoko bwatoranijwe n'Imana budakwiriye gukora ibyo bwishakiye. Abisiraheli bagombaga kubahiriza ayo mategeko bakabona guhabwa umugisha n'Imana. Umuntu wese wicaga rimwe muri ayo mategeko yabaga akoze icyaha agomba gusabira Imana imbabazi.

Ayo mategeko 10 Imana yahereye Musa ku musozi Sinayi yaragabanijemo ibice 2. Igice cya mbere kigizwe n'amategeko 4 arebana n'imibanire y'Imana n'abantu. Igice cya kibili kigizwe n'amategeko 6 arebana n'imibanire y'abantu hagati yabo.

### **Amategeko 4 arebana n'imibanire y'Imana n'abantu na bagenzi babo**

Amategeko Imana yahaye umugaragu wayo Musa ngo ayashyikirize ubwoko bw'Abisiraheli avuga iby'imibanire y'abantu n'Imana ubwayo ni amategeko 4 akurikira:

1. Ntukagire izindi mana mu maso yanjye;

2. Ntukiremere igishushanyo kibajwe;
3. Ntukavugire ubusa izina ry'Uhoraho Imana yawe;
4. Wibuke kweza umunsi w'isabato.

Aya mategeko agaragaza ko Imana y'Abisiraheli ari Imana ifuha itifuza na busa ko hagira umuntu uyibangikanya n'ibigirwamana ibyo ari byo byose. Imana yayahaye Abisiraheli kugira ngo bazajye bayakurikiza mu mibereho yabo yose.

Abakristo nabo aya mategeko arabareba. Imana ibasaba kuyakurikiza mu buzima bwabo bwa buri munsi. Ni ngombwa kwirinda gusenga ibigirwamana kuko bituma Imana irakara. Kwemera Imana, kuyizera, gukurikiza amategeko iduha no gukora icyo adutegeka ni byo byonyine bizahesha mwene muntu kubana n'Imana mu Bwami bw'Ijuru. Abadakora ibyo bazabaho mu muriro w'iteka.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Ukunde Nyagasani Imana yawe n’umutima wawe wose n’ubuzima bwawe bwose, n’ubwenge bwawe bwose n’imbaraga zawe zose...Ujye ukunda mugenzi wawe nk’uko wikunda.,, (Mk 12: 30-31)*

### **Isuzuma:**

1. Mu mategeko y'Imana avuga imibanire y'abantu n'Imana ni angahe?
2. Vuga amategeko avuga iby'imibanire y'abantu n'Imana?

## **ICYIGISHO CYA 4: AMATEGEKO CUMI Y'IMANA**

### **Intego yihariye:**

*Kugaragaza amategeko atandatu arebana n'imibanire y'abantu n'abandi.*

### **Dusome: Kuv 20:1-17**

**Mk 12:30-31**

### **Amategeko 6 arebana n'imibanire y'abantu n'abandi**

Mu mategeko 10 Imana yahaye Musa, umugaragu wayo, ngo ayashyikirize ubwoko bw'Abisiraheli avuga iby'imibanire y'abantu hagati yabo ni amategeko 6 akurikira:

1. Ujye wubaha So na Nyoko, bityo, uzaramira mu gihugu Uhoraho Imana iguha;
2. Ntukice;
3. Ntugasambane;
4. Ntukibe;
5. Ntukabeshyere abandi;
6. Ntukifuze inzu yundi muntu, cyangwa umugore we, cyangwa umugaragu we, cyangwa umuja we, cyangwa inka ye, cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi cyose atunze.

Ayo mategeko Imana yayahereye Musa ku musozi Sinayi kugira ngo ayobore abantu abarinde gucumura. Aya mategeko atandatu ya nyuma areba imibanire y'abantu hagati yabo. Imana yayahaye abisiraheli kugira ngo bazajye bayubahiriza mu buzima bwabo bwa buri munsi bityo rero bagire imibanire myiza hagati yabo kandi bitume nabo ubwabo birinda gucumura ku Mana.

Natwe Abakristo, aya mategeko aratureba. Imana idusaba kuyakurikiza mu buzima bwacu bwa buri munsi.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Ukunde Nyagasani Imana yawe n’umutima wawe wose n’ubuzima bwawe bwose, n’ubwenge bwawe bwose n’imbaraga zawe zose...Ujye ukunda mugenzi wawe nk’uko wikunda.,, (Mk 12: 30-31)*

**Isuzuma:**

1. Amategeko arebana n’imibanire y’abantu n’abandi ni angahe?
2. Vuga amategeko arebana n’imibanire y’abantu n’abandi?
3. Ni hehe Imana yahereye Musa amategeko?

## **ICYIGISHO CYA 5: AMATEGEKO YATANZWE NA YEZU KRISTO**

### **Intego yihariye:**

*Kugaragaza uko Yezu Kristo yahiniye amategeko 10 y'Imana mu itegeko rimwe ry'urukundo.*

**Dusome: Mk 12: 28-33**

**Mt 22: 34-40**

**Lk 10, 25-28**

### **Itegeko ry'urukundo**

Imana yahaye Musa amategeko 10 ngo nawe ayashyikirize Abisiraheli bayakurikize mu mibereho yabo ya buri munsi. Mu gihe Yezu Kristo yigishaga abigishwa be yayahiniye mu itegeko rimwe rikubiyemo amategeko abiri ahwanye. Ayo mategeko ni aya akurikira:

- **Itegeko rya mbere:** Ukunde Nyagasani Imana yawe n'umutima wawe wose n'ubuzima bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose n'imbaraga zawe zose;
- **Itegeko rya kibili:** Ujye ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda.

### **Gukunda Imana bivuga iki?**

Iri tegeko rihamagarira abantu gukunda Imana. Ni ukuvuga ko hari Imana imwe rukumbi umuntu akwiriye kwemera no kwizera. Nta muntu wemerewe kubangikanya iyo Mana n'ibigirwamana. Gukunda Imana kandi bivuga kuyubaha, kumvira amategeko yayo no gukora ibyo ishaka nk'uko bikubiye mu Ijambo ryayo.

Gukunda Imana bivuga kuyisenga buri gihe no kuyihesha icyubahiro mu mibereho yacu ya buri munsi. Gukunda Imana ni ukwirinda gukora ibyaha ibyo ari byo byose ahubwo umuntu agaharanira kuyikiranukira.

### **Gukunda mugenzi wawe bisobanura iki?**

Gukunda mugenzi wawe ni ukumwubaha, ukamuha agaciro akwiriye, ukirinda ikintu icyo ari cyo cyose cyamugirira nabi, kikamubabaza cyangwa se kikamwambura ubuzima bwe. Ni uguharanira inyungu za bagenzi bacu no gukora ibibazanira ibyiza.

Gukunda mugenzi wawe kandi ni ukuzirikana abantu bose badafite shinge na rugero maze ukabitaho uko ushoboye kose nta nyungu utegereje. Bagenzi bacu ni abantu bafite ibibazo binyuranye bakeneye ubufasha bwacu. Ni ukuvuga imfubyi, abapfakazi, impunzi, abakene, abakecuru n'abasaza, abarwayi n'abandi bose bafite ibibazo by'ubuzima bibagoye.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Umuntu navuga ati “Nkunda Imana,, ariko akanga umuvandimwe we, aba ari umunyabinyoma. Ese udakunda umuvandimwe we abona, yabasha ate gukunda Imana atabona? Nuko rero ngiri itegeko Kristo yaduhaye: Ukunda Imana akunde n’umuvandimwe we.,, (1 Yh 4: 20-21)*

### **Isuzuma:**

1. Ni ibihe bikorwa byagaragaza ko ukunda Imana?
2. Ni ibihe bikorwa byagaragaza ko ukunda mugenzi wawe?

## **ICYIGISHO CYA 6: ABISIRAHELI BIREMERA IKIGIRWAMANA**

### **Intego yihariye:**

*Kwerekana uburyo Abisiraheli bayobowe na Musa bishe itegeko rya mbere n'irya kabiri bakiremera ibigirwamana.*

### **Dusome: Kuv 32:1-35**

**Rom 6:23**

### **Musa ku musozi wa Sinayi**

Abisiraheli bari mu butayu, Musa yagiye ku musozi Sinayi kuvugana n'Imana. Icyo gihe nibwo yatinzeyo kuko ari nabwo Imana yamuhaye ibipande 2 byanditseho amategeko 10 Imana yahaye mose ngo ayashyikirize ubwoko bw'Imana buzajye buyakurikiza.

Muri icyo gihe Musa yatinzeyo, Abisiraheli barambiwe bitewe bamwe bibwira ko yazimiye abandi bibwira ko yakongowe n'umuriro wo mu ijuru. Bumvaga bafite amatsiko yo kwinjira vuba mu gihugu cy'isezerano gitemba amata n'ubuki. Basanze badashobora gukomeza urugendo nta muyobozi bituma basaba Aroni umusimbura wa Musa kubayobora bakisubirira muri Egiputa.

### **Abisiraheli basaba Aroni kubakorera ikigirwamana**

Abisirayeli babonye Musa atinze ku musozi wa Sinayi aho yavuganaga n'Imana basabye Aroni kubakorera ikigirwamana bazajya basenga gisa n'ibyo babonaga mu gihugu cya Misiri aho bakoraga imirimo y'uburetwa. Batekerezaga ko icyo kigirwamana kizatuma Abanyamisiri bongera kubemera bakabakira mu gihugu cyabo.

Aroni arembejwe no gusakuza kw'abantu ategeka ko abagore bamuha impeta n'amaherena bya zahabu bari bambaye arabishongesha abicuramo ikimasa, ikigirwamana cyo kubayobora. Bamaze kubona icyo kigirwamana cyo kubayobora, barishimye bararya, baranywa bahagurutswa no gukina no kwinezeza (Kuv 32:6).

### **Abalevi banga uwo mugambi wo gcura ikigirwamana**

Uwo mugambi wo kwimura Imana ntiwari uhuriweho n'abantu bose. Abalevi ni ukuvuga abatambyi aribo bakozi b'Imana bari bashinzwe imirimo mu rusengero, ntibashyigikiye uwo mugambi wo kwimura Imana. Abalevi bakomeje kwihangana, cyane ko babonaga ya nkingi y'igicu ihagaze mu mpinga y'umusozi, byerekana ko Imana yabo ntaho yagiye kandi ko ikiri kumwe na Musa.

### **Musa avuye ku musozi Sinayi asanga Abisiraheli basenga ikigirwamana**

Musa amaze kuvugana n'Imana no guhabwa amategeko 10 yanditse ku bisate 2 by'amabuye, Imana yamusabye gutabara vuba kuko Ubwoko bwayo bwari bwiyanduje bukemera gusenga ikigirwamana (Kuv 32:7).

Musa yaramanutse asanga ubwoko bw'Imana bwimitse ikigirwamana cy'ikimasa barimo ku gisenga no ku kiramya. Mose yahise arakara maze ajugunya bya bisate by'amabuye biriho amategeko 10 y'Imana umuriro uraka utwika cya kigirwamana cy'ikimasa. Abisiraheli bari ku isonga bakanagira uruhare mu gcura icyo kigirwamana bahise bahanwa baranicwa (Kuv 32:28).

Imana ntabwo ijya yihanganira abantu bayigomera bakanga kuyubaha no kugendera mu bushake bwayo no gukurikiza amategeko yayo. Nibyo koko nk'uko Ijambo ry'Imana ribivuga, ibihembo by'ibyaha n'urupfu (Rom 6:23). Arikio iyo umunyabyaha yihannye akemera ibyaha bye, akabyihana akabisabira imbabazi, Imana ni inyembabazi iramubabarira.

Abalevi banze kwifatanya n'Abisirayeri mu gusenga ikigirwamana. Ni ngombwa ko abantu bemera Imana bitandukanya n'abandi mu gihe babosha gukora ibibi binyuranye n'ubushake bw'Imana ndetse n'imyizerere n'imyemerere yabo.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*«Ibihembo by'ibyaha ni urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho duherwa muri Kristo Yezu Umwami wacu.»* (Rom 6:23)

**Isuzuma:**

1. Ninde musimbura wa Musa?
2. Kuki Abisirayeli basabye umusimbura wa Musa kubakorera ikigirwamana cyo kubayobora?
3. Icyo kigirwamana cyari gifite iyihe shusho?
4. Icyo kigirwamana cyakozwe muki?
5. Ni bande batari mu mugambi mubi wo kwiremera ikigirwamana?

## **ICYIGISHO CYA 7: YOZUWE YINJIZA ABISIRAHELI MU GIHUGU**

### **CY'ISEZERANO**

**Intego yihariye:** Gusomera no gusobanurira abanyeshuri uko Yozuwe, umusimbura wa Musayinjije Abisiraheli mu gihugu cy'isezerano.

**Dusome: Yoz 1:1-9**

**Yoz 3:14-17**

### **Urupfu rwa Musa**

Mu gihe Abisiraheli bari mu butayu Imana yari yarasezeranije Musa ko izamwereka igihugu yasezeranije Abisiraheli ariko ko atazakigeramo. Igihe cyarageze rero Imana ihamagara Musa imwereka icyo gihugu cy'isezerano. Musa amaze ku kibona yahise apfa ntabwo yongeye gusubira aho Abisiraheli bari bakambitse.

### **Imana itoranya Yozuwe ngo abe umusimbura wa Musa**

Nyuma y'urupfu rwa Musa, Imana yatoranije umugaragu wayo Yozuwe kugira ngo asimbura Musa ku buyobozi bukuru bw'Abisiraheli: «*Umugaragu wanaye Musa yarapfuye, none ubu haguruka wambukane n'aba bantu bose ruriya ruzi rwa Yorodani, mujye mu gihugu mbahaye mwebwe Abisiraheli.*» (Yoz 1:2)

Ni ubwo bwose Yozuwe yari yarateguwe kuko yagendanaga na Mose k'uburyo ibintu byinshi yara amaze kubimenya, ariko kandi byamuteye bwoba bwinshi kubera ko yabonaga Abisirayeli ko ari bwoko bugoranye mu kuyobora. Imana yaramuhumurije imubwira ko izabana nawe umunsi ku munsi kandi ko izamushoboza gukora uwo murimo. Imana yabimusezeranije muri aya magambo:

«*Kuko nzaba ndi kumwe nawe nk'uko nabanaga na Musa. Sinzagusiga wenyine kandi sinzagutererana na rimwe*» (Yoz 1:5). Imana iramubwira iti: «*Ni uko rero ntugatinye kandi ntugakuke umutima, kuko jyewe Uhoraho Imana yawe nzaba kumwe nawe aho uzajya hose.*» (Yoz 1:9). Yozuwe aremera aba umuyobozi w'Abisiraheli.

### **Yozuwe yinjiza Abisiraheli mu gihugu cy'isezerano**

Yozuwe amaze gutoranywa n'Imana no kwemera kuba umuyobozi w'Abisiraheli, Imana yamuhyaye inshingano ikomeye cyane yo kujuvana Abisiraheli mu gihugu Imana yasezeranije ubwoko bwayo. Icyo gihugu cyari igihugu cya Kanani kikaba igihugu cyiza gitomba amata n'ubuki.

Kugirango Abisirayeli bagere muri icyo gihugu, bagombaga kwambuka uruzi runini rwa Yorodani. Imana yakoresheje Yozuwe igitangaza gisa n'icyo yakoresheje Mose kuanja itukura. Abisiraheli bambutse uruzi rwa Yorodani humutse, amazi yitandukanije. Ariko kuri iyi nshuro, isanduku y'Uwiteka niyo yahagaritse amazi y'uruzi arakama. Abantu barambuka bagera mu gihugu cyari giherereye hakurya y'urwo ruzi. Bahageze, Imana yongeye kubwira Yozuwe ko ishohoje isezerano yahaye Aburahamu igira iti:

«*Uyu munsi mbavanyeho agasuzuguro k'abanyamisiri* » (Yoz 5:9).

Mu gihe Imana idutoranje ikadutorera gukora umurimo wayo ntabwo dukwiye kubitinya no kubyanga. Imana niyo itoranya kandi igatanga umurimo wo gukora. Imana kandi ntabwo iererana abo yatoranike ahubwo ikomeza kubaba hafi no kubashoboza umurimo yabahamagariye.

Intumwa y'Imana Pawulo yagize ati: “*Mbashishwa byose na Kristo umpa imbaraga*”(Fil 4:13). Imana niyo itubashisha gukora no gusohoza inshingano iduha. Icyo idusaba ni ubushake bwo kwemera kuba igikoresho cyayo aho turi hose.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:**

«*Ujye wibuka ko nagutegetse gukomera no kuba intwari. None rero ntugatinye kandi ntugakuke umutima, kuko jyewe Uhoraho Imana yawe nzaba ndi kumwe nawe aho uzajya hose.*” (Yoz 1:9)

**Isuzuma:**

1. Ninde wayoboye Abisiraheli mu gihugu cy'isezerano Musaamaze gupfa?
2. Ni uruhe ruzi Abisiraheli bagombaga kwambuka ngo bagere mu gihugu cy'isezerano?
3. Ni ikihe gitangaza Imana yakoreye Abisiraheli bageze ku ruzi Yorodani?

## **UMUTWE WA V: UBUDAHEMUKA BW'IMANA**

### **Intego rusange:**

*Kwerekana urukundo rw'Imana mu kutwoherereza Umwana wayo w'ikinege ariwe Yezu Kristo.*

### **ICYIGISHO CYA 1: JAMBO YIGIRA UMUNTU**

### **Intego yihariye:**

*Kwerekana uko Yezu Kristo yaje mu isi n'imirimo ye.*

### **Dusome: Yh 1: 1-14**

**Yh 3:16**

### **Jambo ni nde?**

Jambo ni Yezu Kristo, umwana w'ikinege w'Imana. Uwo Jambo ni Yezu waje mu isi afite ishusho y'umuntu akabyarwa n'umwari Mariya mu buryo bw'igitangaza kuko atari yarigeze umugabo. Jambo uwo aba umuntu abana natwe “*tubona ikuzo rye ari ryo kuzo ry'umwana w'ikinege ukomoka kuri se*” (Yh 1:14). Ubutumwa bwiza butwereka ko yakuze nk'abandi bana afite ubwenge budasanzwe «*Abamwumvaga bose batangazwa n'ubwenge bwe n'ibyo yabasubizaga*» (Lk 2: 47; 52).

### **Jambo yahoranye n'Imana**

Ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Yohani butubwira ko mbere ya byose uwitwa Jambo yari ariho. Jambo uo yari kumwe n'Imana, kandi yari Imana. Yari kumwe n'Imana mbere na mbere, ibintu byose byaremwe kubera we. Nta kintu na kimwe cyabayeho kitabimukesha. (Yh 1:1-3).

Icyatumye Imana yohereza uwo mwana wayo w'ikinege ni urukundo ruhebuje byose yakunze abantu bo mu isi, ikora umugambi wo kubacungura ngo umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho (Yh 3:16). Jambo yaje hano mu isi ariko abantu bamwe banze kumwemera ariko abomwemeye bakamwizera yabahaye ubushobozi n'ubutware bwo kuba abana b'Imana. Abemera Kristo bose rero ni abana b'Imana (Yh 1:10-12).

**Umurongo wo gufata mu mutwe:**

«*Mbere ya byose uwitwa Jambo yari ariho. Jambo uwo yari kumwe n'Imana kandi yari Imana.*” (Yh 1:1)

**Iuzuma:**

1. Jambo ni nde?
2. Ni iki cyatumye Yezu Kristo aza mu isi?

## **ICYIGISHO CYA 2: IMIRIMO YA JAMBO ARIWE YEZU KRISTO.**

### **Intego yihariye:**

*Kwerekana imirimo ya Jambo ariwe Yezu Kristo.*

### **Dusome: Mt 11: 1-6**

**Mk 5: 1-13**

### **Imibereho ya Jambo ariwe Yezu Kristo**

Yezu Kristo yakuriye mu muryango wa Mariya na Yozefu i Yeruzalemu. Yakuze ari umwana wubaha Imana n'ababyeyi be. Yakundaga kujya mu rusengero gusenga ari kumwe n'ababyeyi be. Rimwe na rimwe yakoraga n'imirimo nko gusoma Ijambo ry'Imana mu materaniro y'abantu benshi. Mu rugo yakundaga gufasha ababyeyi, cyane cyane nk'igihe se Yozefu yabaga ari kubaza.

### **Yezu Kristo abatizwa**

Agize imyaka mirongo itatu, Yesu Kristo ariwe Jambo ybatijwa na Yohani Umubatiza wigishirizaga mu butayu. Yahamagariraga abantu kwhiana ibyaha no kwakira Ubwami bw'Imana. Mu gihe yabatizwaga, hari ibimenyetso byavuye mu ijuru byagaragaje ko Yezu Kristo koko ari Umwana w'Imana. Amaze kubatizwa, Ijuru ryarakingutse, Mwuka Muziranenge umumanukiraho asa n'inuma, humvikana n'ijwi riturutse mu Ijuru riravuga riti:

*“Uri Umwana wanje nkunda cyane, ni wowe nishimira”(Lk 3:22).*

Nyuma yo kubatizwa, Yesu yagiye mu butayu gusenga. Amaze iminsi 40 n'amajoro 40 atarya, Satani araza arahamusanga kugira ngo amugergeze. Amugerageresha ibyo kurya,

ubutunzi bw'iyi si n'icyubahiro. Nyamara Yezu yamutsindishije Ijambo ry'Imana, maze Satani aragenda amutega ikindi gihe.

### **Imirimo ya Jambo ariwe Yezu Kristo**

Nyuma yo kugergezwa na Satani mu butayu, Yezu Kristo yatangiye umurimo wo kwigisha inkuru nziza y'agakiza k'ubuntu yahereye ku kiyaga cy'i Galileya, agera i Yeruzalemu no mu midugudu inyuranye.

Mu nyigisho ze, Yezu Kristo yahuguraga abamuteze amatwi akoresheje imigani, akababwira ibitekerezo bijyanye n'ubuzima bwabo bwa buri munsi, akabahamagarira kuva mu bidatunganye kandi ngo babe indahemuka n'inyanagamugayo.

Yakizaga abarwayi, agahumura impumyi, akazura abapfuye, ibiragi bikavuga, ibipfamatwi bikumva, ibimuga bikagenda n'abasazi bagakira (Mt 9: 27-38; Mk 5: 12-20)

Mu gihe cy'imyaka itatu, Yezu Kristo yigishije abantu atarobanuye: abagore, abagabo, abana bato, abantu bakora imirimo inyuranye harimo abakirizi b'imisoro, abasirikari, abanyapolitiki, abanyedini bakuru aribo abafarizayo, abanditsi b'amategeko n'abandi.

abantu benshi cyane cyane abayobozi bakuru b'idini ya Kiyahudi ntibishimiye inyigisho Yezu Kristo yatangaga, kuko yagaragazaga ko bakora ibinyuranye n'ibyo Ijambo ry'Imana rivuga. Kristo yayobokwaga n'abantu benshi kubera ibitangaza yakoraga bityo biyemeza kumugambanira kugeza ubwo bamwicishije.

Imibereho n'imirimo bya Yezu Kristo byaranzwe no kwigisha, guhugura no gukorera abantu ariko cyane cyane abantu badafite shinge na rugero. Ni ngombwa rero ko Abakristo basobanukirwa n'inshingano ikomeye bafite yo kwigisha bagahindura abantu abigishwa ba Yezu, bakabahugura kandi bagakora ibikorwa by'urukundo byo gufasha abantu badafite kirengera.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*«Dukwiriye gukora umurimo w'Uwantumye hakibona. Dore bugiye kwira kandi iyo bwije nta muntu ushobora gukora. Igihe nkiri ku isi ndi urumuri rw'isi.,, (Yh 9, 4-5)*

**Isuzuma:**

1. Vuga ibitangaza bitatu Yezu yakoze?
2. Ni iki kigaragaza ko Yezu Kristo ariwe Jambo ry'Imana?

## **ICYIGISHO CYA 3: YEZU KRISTO APFIRA ABANYABYAH**

### **Intego yihariye:**

*Kwerekana uburyo Yezu yababajwe ari nta cyaha afite ariko nyuma yo gupfa akazuka.*

**Dusome: Mt 26:2-5, 14-16**

**Izayi 53:1-12**

**Yh 18:28-19:42**

### **Imibabaro ya Yezu Kristo**

Abanditsi b'Ubutumwa bwiza (Matayo, Mariko, Luka na Yohani) bagaragaza ibikorwa bikomeye bijyanye n'itotezwa Yezu Kristo yagiriwe:

- Gufatwa no gukurubanwa;
- Gutotezwa no gushinjwa ibinyoma;
- Gucirwa amacandwe no gutukwa n'abahisi n'abagenzi;
- Kwambikwa ubusa ku karubanda;
- Gukubitwa ibiboko, guterwa imisumari no guterwa icumu mu rubavu;
- Kubambwa ku musaraba hamwe n'abajura n'abicanyi;

Aha twavuga ko abari ku isonga yo gucira Yezu urubanza rwo gupfa bari abayobozi bo mu rukiko rw'idini ya Kiyahudi ari nayo Yezu yakuriyemo. Ibyo babikoze mu gihe kigufi cyane ku buryo na nijoro bakomeje kumuhererekanya ku bayobozi n'abanyarukiko, ashorewe n'abasirikare n'imbaga y'abantu benshi. Ikindi ni uko bihitiraga kujya mu isabato no kwizihiza umunsi mukuru wa Pasika uwo Abayahudi bibukagaho buri mwaka gucungurwa kwa basekuruza babo mu buretwa bwo mu Misiri.

### **Urupfu rwa Yezu Kristo**

Nyuma yo gushinyagurirwa no kubambwa ku musaraba i Gologota, Yezu Kristo yarapfuye arahambwa. Urupfu rwe rwababaje abigishwa be (abari baramuyobotse). Mu mibabaro yose Yezu Kristo yagize ntiyigeze agaragaza umujinya, amahane, kwirwanaho, kubeshya, kuboroga nk'uko abandi bantu babigira. Ari ku musaraba bamuteye icumu mu rubavu.

Yezu Kristo yabambiwe abantu bose ku musaraba kandi aranabapfira. Igihano cyo kubambwa cyari cyaragenewe abagome mu gihe cy'ubukoloni bw'Abanyaroma. Icyo gihano nicyo Yezu yasabiwe n'abaturage biganjemo abo mu idini ya Kiyahudi. Ubutumwa bwiza bwanditswe na Yohani butugaragariza ko abagabo babiri Yozefu na Nikodemus ari bo bashyinguye umurambo wa Yezu Kristo.

Ibyabaye kuri Yezu Kristo byari byarahanuwe kandi iyo niyo nzira yo gukiza amahanga yose n'amoko yose yo mu isi ngo ayacungure. Yezu yapfiriye abantu kugira ngo abakize ibyaha byabo n'imibabaro yabo. Natwe turi abo yacunguje amaraso ye y'igiciro cyinshi (Izayi 53:1-12). Urupfu rwe ni rwo rwaduhinduye abana b'Imana. Ni urukundo rukomeye Imana yadukunze dukwiye guhora tuzirikana mu mibereho yacu ya buri munsi.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

«*Yagiriwe nabi yicisha bugufi, ntiyigeze abumbura umunwa, yabaye nk'umwana w'intama bajyanye mu ibagiro...ntiyigeze abumbura umunwa.,,* (Izayi 53:7)

### **Isuzuma:**

1. Ni iyihé mibabaro Yezu Kristo yagiriwe?
2. Yezu Kristo yagambaniwe na bande? Kubera iki bamugambaniye?
3. Kuki Yezu Kristo yabambwe ku musaraba?
4. Ni bande bashyinguye umurambo wa Yezu Kristo?

## **ICYIGISHO CYA 4: KUZUKA KWA YEZU KRISTO**

### **Intego yihariye:**

*Gusobanura uko Yezu Kristo yazutse.*

### **Dusome: Mt 28: 1-10**

#### **Inkuru isakara hose ko Yezu Kristo yazutse**

Ibyanditswe byera bitubwira ko kuwa mbere w'iminsi irindwi abagore barimo Mariya Magadarena na Marita bazindukiye ku gituro bajyanye amavuta ahumura neza yo gusiga umurambo wa Yezu, basanga ntawurimo. Twibuke ko ubwo bari bamaze guhamba Yesu, abategetsi bakuru bo muri icyo gihe bahomye umunwa w'imva yari ikinzeho igitare bashyiraho ubujeni (cole), bashyiraho n'abasirikare bo kuharinda ngo ahari abigishwa be bataza kumwiba bakabeshya ko yazutse nk'uko yari yarabivuze ko azazuka nyuma y'iminsi itatu.

Inkuru yaje kuba impamo rero ubwo abo bagore babonekewe n'abamarayika bakabamenyesha ko Yezu Kristo yazutse ari muzima ko badakwiriye gushakira umuzima mu bapfuye. Abo bagore nabo bihutiye kubimenyesha abigisha ba Yezu Kristo maze inkuru isakara hose ko Kristo yazutse. Yezu Kristo ubwe yabonekeye abigisha be inshuro nyinshi abiyereka kugira ngo he kugira ushidikanya uko kuzuka kwe.

#### **Kuzuka kwa Yezu Kristo ni itsinzi ku bizera**

Kuzuka kwa Yezu ni intsinzi ikomeye ku bizera bo muri icyo gihe n'abakurikiyeho, abo muri iki gihe no mu gihe kizaza. Bibiliya igaragaza ubuhamya bw'ababonye Yezu amaze kuzuka by'umwihariko intumwa n'abandi bigishwa bari kumwe nazo bageraga kuri mirongo irindwi (70). Kuba Yezu yarazutse ni ikimenyetso gikomeye kigaragaza ko

Imana ifite ububasha ku bazima no ku bapfuye. Kuzuka kwa Yezu Kristo ni umusingi ukomeye w'abizera kandi niho ikizere gikomoka ko azatuzura natwe akatwisyira tudafite inenge niba tumaramaje mu kwizera no kuzibukira ibyaha.

Uyu munsi Yezu Kristo ariho ni muzima yicaye hamwe n'Imana Data wa twese. Azagaruka aje guciria imanza abazima n'abapfuye. Abakristo bizera ibyo, Yezu Kristo yabahaye ku ntsinzi yo kunesha kwe nabo bafite ubutware bwo kunesha no gutsinda Satani, ikibi n'ibyaha.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:**

«*Ariko ntari hano, yazutse nk'uko yai yarabivuze. Nimuze murebe aho yari aryamye.*»

(Mt 28:6)

**Isuzuma:**

1. Kuba Yezu Kristo yarazutse bimariye iki abizera?
2. Ni iki dukwiye gukora ngo Yezu Kristo azatuzure tubane nawe?

## **ICYIGISHO CYA 5: YEZU KRISTO ASEZERANYA MWUKA MUZIRANENGE ABIGISHWA BE, ARABATUMA.**

### **Intego rusange:**

*Kwerekana urukundo rw'Imana rwatumye Yezu Kristo asezeranya Itorero rye Mwuka Muziranenge.*

**Dusome:      Mt 28:19**

**Yh 14:15-31**

**Yow 3:1-2**

### **Mwuka Muziranenge ni iki?**

Umwuka Muziranenge ni Umwuka Imana iha abantu bayo bayemera kandi bayizera. Uwo Mwuka Muziranenge ni umwuka utanga ubuzima, niwo Imana yakoreshje mu kurema isi n'ibiyirimo byose, niwo Imana ikoresha mu gutegeka isi, ibiremwa byayo n'ibiyirimo byose (Intang 1: 2-3; Zab 33, 6), niwo Imana ikoresha mu kuvugana n'ubwoko bwayo ibugaragariza uko bukwiriye kwitwara no kugenza mu mibereho yabwo. Ijambo ry'Imana ritubwira ko Mmwuka Muziranenge ari:

- Umufasha
- Umujyanama
- Umuyobozi

### **Yezu Kristo azamuka mu ijuru asezeranya abigishwa kuboherereza Mwuka Muziranenge.**

Mbere yuko Yezu Kristo asubira mu Ijuru yasezeranje abigishwa be kuboherereza Umwuka Muziranenge uzabaha imbaraga, ubushobozi, ububasha n'ubutware bwo kwamamaza inkuru nziza y'umukiro no kwigisha amahanga yose ko Yezu Kristo ari muzima, Umukiza w'abantu bose, n'Umwami utegeka amahanga yose.

Yezu Kristo yaje mu isi gusohoza umugambi w'Imana wo gukiza abantu ibyaha n'urupfu rw'iteka. Mu gihe yakoraga uwo murimo yatoranje abigishwa bo kuwumufasha kandi abigisha uko bazawukomeza. Ni muri urwo rwego, Yezu Kristo yabasezeranje kuboherereza Umwuka Muziranenge wo kubakomeza no kubashoboza uwo murimo.

Umwuka Muziranenge wamanukiye intumwa ku munsi wa Pentekoti, nyuma y'iminsi 50 Yezu Kristo azutse maze urabatinyura ubashoboza kwamamaza inkuru nziza y'agakiza ku bantu bose uhoreye i Yeruzalemu (Intu 1: 8; 2: 1-13).

### **Uburyo Mwuka Muziranenge yigaragazamo**

Umwuka Muziranenge wigaragaza mu buryo bwinshi. Dore zimwe mu ngero:

- Mu guhishurirwa
- Mu gutanga impano n'imirimo binyuranye bigamije gufasha no gukuza Itorero rya Kristo
- Mu kwerera abandi imbuto: urukundo, amahoro, ukwihangana, ubugwaneza, ukwemera, umutuzo, kwifata ... (Rom 5: 5)

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*"Ariko wa Mujyanama ari we Mwuka Muziranenge Data azohereza mu izina ryanje, niwe uzabigisha byose kandi azabibutsa ibyo nababwiye byose.,, (Yh 14: 26)*

### **Isuzuma:**

1. Bibiliya iha Mwuka Muziranenge izindi nyito. Vugamo 3.
2. Vuga uko Mwuka Muziranenge yigaragaza?
3. Ni uwuhe munsi mukuru w'Itorero twibukaho guhabwa Mwuka Muziranenge?

**ICYIGISHO CYA 6: AKAMARO KA MWUKA MUZIRANENGE N'IBIRANGA  
ABAKORESHWA NAWE.**

**Intego yihariye:**

*Kwerekana akamaro ka Mwuka Muziranenge mu buzima bw'abizera Yezu Kristo buri munsi.*

**Dusome: Yh 6: 63**

**Yh 20: 19-23**

**Yh 16: 7-15**

**Mt 28, 16-20**

**Akamaro ka Mwuka Muziranenge**

- Mwuka Muziranenge utanga ubuzima (ubugingo), ubeshaho abantu n'ibantu; ni mutangabuzima;
- Mwuka muziranenge umenyesha ikibi n'icyiza;
- Mwuka Muziranenge utandukanya imirimo y'umwijima (ya kamere) n'imirimo y'umucyo cyangwa y'Umwuka;
- Mwuka Muziranenge ni umufasha;
- Mwuka Muziranenge ni umujyanama;
- Mwuka Muziranenge ni umuyobozi;
- Mwuka Muziranenge atanga imbaraga n'ubushobozi;
- Mwuka Muziranenge ni umwigisha ukwiriye, ayobora mu kuri;
- Mwuka Muziranenge yemeza umuntu ibyaha, agatanga n'imbaraga zo kubyihana, akanabarira (Yh 20:19-23);
- Mwuka Muziranenge atanga kwizera, kwemera;
- Mwuka Muziranenge amara uwomba, aratinyura (Mk 13:11 Mt 10: 19-20);
- Mwuka muziranenge atanga ubwenge bwo kumenya no gusobanukirwa Yezu Kiristo nk'umukiza w'Umwami w'abantu bose (1 Kor 12:3).

## **Ibikwiye kuranga abantu b'Imana bayoborwa na Mwuka Muziranenge**

- Gukunda Imana n'Umwana wayo Yesu Kiristo;
- Gukunda gusoma Ijambo ry'Imana no kuyoborwa naryo;
- Gusenga Imana wiherereye no mu ruhame rwa benshi;
- Gukunda ibiremwa by'Imana byose (abantu, ibimera, inyamaswa n'ibindi);
- Kurangwa n'ingeso nziza, kwera imbuto nziza zikwiriye abakristo (Gal 5, 22-26);
- Gukora ibikorwa by'urukundo (gufasha abatishoboye, gusura abarwayi, imfubyi, abapfakazi, n'ibindi);
- Gukoreshwa ibitangaza n'Imana nko gukiza abarwayi, kwirukana abadayimoni cyangwa imyuka mibi, guhishurirwa ibizabaho n'ibindi;
- Kugira ibyishimo, umunezero, umutuzo, ukwihangana, urukundo, ubugwaneza, ibyiringiro, amahoro n'ibindi.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

“*Koko rero, abayoborwa na Mwuka w'Imana ni bo bana b'Imana*“. (Rom 8:14)

### **Isuzuma:**

1. Ni uwuhe mumaro wa Mwuka Muziranenge mu mibereho y'Umukristo?
2. Tanga ingero eshatu z'impano zitangwa na Mwuka Muziranenge.

## **ICYIGISHO CYA 7 : UMURYANGO W'ABEMERA**

### **Intego yihariye:**

*Gusobanura umuryango w'abemera ( Itorero), icyo ari cyo n'uburyo Yezu Kirisito ariwe rufatiro, umutwe n'iherezo ryawo.*

### **Dusome: Intu 2:37-42**

**Intu 4:32-37**

**Rom 12:1-21**

**1Kor 12:12-31**

**Ef 6:10-18**

### **Umuryango w'abemera icyo ari cyo.**

Umuryango w'abemera ari ryo Torero rya Yesu Kirisito ni Uruhererekane rw'abizera Yezu Kristo nk'Umwami n'Umukiza bo mu gihe cya kera ukageza kubamwemera bariho mu gihe cya none n'abazamwemera mu gihe kizaza.

### **Yezu Kristo ni we urufatiro rw'umuryango w'abemera**

Mu gihe Yezu Kristo yazaga mu isi, akayivukiramo, akayikuriramo, agasohoza umugambi w'Imana harimo no gupfira abantu bose, yabaye urufatiro rw'umuryango w'abemera bose, niwe shingiro ryawo. Kuzuka kwe byabaye intandaro y'itsinzi mu kunesha Satani n'ikibi. Impano y'Umwuka Muziranenge yatumye abigishwa ba Yezu Kristo batinyuka maze bamamaza inkuru y'agakiza mu isi uhereye i Yeruzalemu ukageza ku mpera y'isi.

### **Yezu Kristo niwe mutwe w'umuryango w'abemera.**

Yesu Kristo ni umutwe w'umuryango w'abemera ni ukuvuga ko Yesu Kristo ariwe Muyobozi w'umuryango w'abemera

Uwo muryango Yezu Kristo awuyoboza Mwuka Muziranenge n'Ijambo ry'Imana. Abagize umuryango w'abemera bakwiye kwemera buri gihe kuyoborwa nawe bakirinda kuyoborwa na Satani, imyuka mibi no gukurikiza gusa iby'ubwenge n'imbaraga bya muntu.

### **Yezu Kristo niwe herezo ry'umuryango w'abemera**

Nk'uko Yezu Kristo ariwe tangiriro ry'umuryango w'abemera ni nawe mperuka n'iherezo ryawo. Abagize umuryango w'abemera bari mu isi batuyemo bategereje kuzataha mu Bwami bw'Imana. Nta wundi uzabagezayo atari Yezu Kiristo kuko niwe ufite ububasha n'ubushobozi bwo kuzacira abariho n'abapfuye urubanza maze akagororera abakoze neza ikamba ry'ubugingo buhoraho naho abanze kwizera Yesu Kristo bacirweho iteka.

Ni ngombwa ko abagize umuryango w'abemera, bashingira imyizerere n'imyitwarire yabo kuri Kristo, ari we Jambo w'Imana kugira ngo bakore imirimio myiza bakiri ku isi hanyuma bazahabwe ingororano y'ubugingo buhoraho bageze mu Bwami bw'Imana.

### **Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Mujye mwibuka abayobozi banyu babagejejeho Ijambo ry'Imana. Muzirikane uko babayeho n'uko bapfuye, maze mukurikize urugero rwo kwizera Imana kwabo”.*(Heb 13:7)

### **Isuzuma:**

1. Umuryango w'abemera ni iki?
2. Ni nde rufatiro rw'umuryango w'abemera?
3. Ni nde muyobozi w'umuryango w'abemera?

4. Ni nde uzatugeza mu Bwami bw'Imana?
5. Ni iki twakora kugira ngo tuzagorerwe ubugingo buhoraho?

## **ICYIGISHO CYA 8: ABAGIZE UMURYANGO W'ABEMERA N'UKO**

### **WAVUTSE**

#### **Intego yihariye:**

*Kuvuga uko umuryango w'abemera, Itorero, wavutse n'abagize uwo muryango.*

**Dusome: Intu 2: 14-24**

**Intu 2: 37-42**

**Intu 4: 32-37**

#### **Uko Umuryango w'abemera wavutse**

Umuryango w'abemera watangiye ku munsi wa Pasika, ubwo Yezu Kristo yapfiraga abantu bose nyuma akazuka agasubira mu ijuru kwa se. Yezu Krisito yohereje abigishwa be Mwuka Muziranenge ku munsi wa Pantekoti, nyuma y'iminsi 50 azutse.

Abigishwa bamaze guhabwa impano y'Umwuka Muziranenge batangiye kwamamaza inkuru nziza y'agakiza, ko Yezu Kristo ari Umukiza n'Umwami w'abantu bose bahereye i Yerusalem kugeza ku mperuka y'isi. Uko iminsi yagiye ihita, abizera Yezu kristo bagiye biyongera. Nyuma ubutumwa bwiza bwamamara mu isi yose. Muri iki gihe abagize umuryango w'abemera bakwiriye mu mpande zose z'isi.

#### **Abagize umuryango w'abemera**

Umuryango w'abemera/Itorero ugizwe n'abantu bose bemera ko Yezu Kristo ari Umukiza akaba n'Umwami wabo. Abagize uwo muryango w'abemera, baboneka mu mpande zose z'isi, mu moko menshi y'abatuye isi, mu matorero yose ya gikristo, no mu ngeri zinyuranye z'abantu: abana, abasore, abagabio n'abagore, abasaza n'abakecuru, abakene n'abakire, abazima, abarwayi n'ibimuga n'abandi.

## **Ibiranga Umuryango w'Abemera**

Umuryango w'abemera ufite ibintu biwuranga byinshi, muri byo harimo:

- Gusenga no kuririmbira Imana;
- Gusoma Ijambo ry'Imana; no kurimenesha abandi;
- Kwigisha no guhugurana;
- Gutanga ubuhamya bwa gikiristo
- Kuvugisha ukuri
- Ibikorwa by'urukundo no gufasha abandi;
- Ibikorwa by'imibereho myiza n'ibyiterambere.

## **Ibigaragaza umuco wo gukunda Umuryango w'Abemera**

Yezu Krisito yahaye abamwemera bose itegeko ryo gukunda bagenzi babo. Uyu muco mwiza w'urukundo ukwiye kwigaragaza mu Muryango w'Abemera.

Gukunda Imana no gukundana kw'abagize umuryango w'abemera bituma habaho gukura k'Umuryango w'Abemera. Abagize Umuryango w'Abemera bakwiye gukunda Imana na Yezu Kristo maze bikabatera gukunda hagati yabo ubwabo no gukunda Umuryango wabo ari wo Torero rya Kiriso.

## **Gukunda umuryango w'abemera bishaka kuvuga iki?**

- Kwirinda icyaha n'ikibi icyo ari cyo cyose;
- Guharanira gukora ibyo gukiranuka, ibyiza, ibizana umugisha
- Kubahaha no gushyigikirana;
- Guharanira inyungu rusange z'abagize umuryango w'abemera;
- Kuba inyangamugayo n'indahemuka;
- Kuvuga no kurngwa n'ukuri aho uri hose;
- Kwitangira abandi n'abagize Umuryango w'Abemera, n'ibindi;

- Kugira umwete mu mirimo igamije guteza imbere abandi muri rusange n'Umuryango w'Abemera by'umwihariko.
- Kugira umwete mu gusenga no mu Iyamamazabutumwa.
- Gukoresha neza Impano Imana yaguhaye ku bwo Ubwami bw'Imana ukoreshheje ubwenge bwawe, ubutunzi bwawe n'Imbaraga zawe.

**Umurongo wo gufata mu mutwe:**

*“Ntukirengagize Impano ikurimo wahawe n’Imana ubikesha ibyahanuwe, igihe Abakuru b’Umuryango w’Imana bakurambikagaho ibiganza”* (I Tim 4:14).

**Isuzuma:**

1. Ni nde watangije Umuryango w'Abemera?
2. Ni ba nde bagize Umuryango w'Abemera?
3. Vuga ibiranga Umuryango w'Abemera.
4. Ni ibiki biranga umuco wo gukunda Umuryango w'Abemera?

# **INAMA ZA NGOMBWA KU MYIGISHIRIZE Y'AMASOMO Y'IYOBOKAMANA Y'ABAPOROTESITANTI MU MASHURI ABANZA.**

## **I. INTANGIRIRO:**

Kugira ngo umurezi ashobore kwigisha neza isomo ry'Iyobokamana mu mashuri abanza, agomba kubanza kwibaza ibi bibazo bibiri:

- Isomo ry'Iyobokamana ritegurwa gute?
- Isomo ry'Iyobokamana ryigishwa gute?

## **II. UKO ISOMO RY'IYOBOKAMANA RITEGURWA**

Isomo ry'Iyobokamana riteguye neza rigomba gukurikiranya izi ngingo za ngombwa kandi mu buryo buboneye:

1. Kwegeranya amakuru ahagije ku cyigisho cyangwa insanganyamatsiko y'inyigisho ugiye gutanga.
2. Ubumenyi bwite bw'umwigisha ku nsanganyamatsiko y'inyigisho. Ni ngombwa guhora ugira amatsiko agutera gushakashaka ubumenyi bushya no kongera ubwo usanganywe.
3. Ni ngombwa kwiha intego y'ibyo ushaka kugeraho. Izo ntego zigomba kuba ku rwego rw'ubumenyi n'ubumenyi-ngiro: Ubuhangwa, Imyifatire, Imibanire n'imyizerere.
4. Gushaka imfashanyigisho zitandukanye kandi zikungahaye: imfashanyigisho zigufasha mu kwitegura n'imfashanyigisho ukoresha mu gihe urimo kwigisha.

## **III. UKO ISOMO RY'IYOBOKAMANA RITANGWA**

Kugira ngo mu kwigisha kwe Umwarimu abashe kubona Isomo rye rigenze neza, ni ngombwa ko atekereza cyane kuri izi ngingo zikurikira:

1. **Igihe cyo gutegura abana no kubinjiza mu mwuka w'isomo ry'Iyobokamana.** Ni igihe Umwigisha nawe ubwe ashyira ibindi byose ku ruhande, kugira ngo afashe abanyeshuri kumufataho icyitegererero. Isomo ry'Iyobokamana risaba ko Umwigisha yigisha ibyo na we ubwe yemera, abamo kandi ashyira mu bikorwa.
2. **Igihe cy'umushyikirano:** Ni igihe Umwigisha afasha abana gushishikarira gukurikira isomo akoresheje utubazo, ikiganiro, agakino cyangwa se ibindi bikorwa bigamije ivumburamatsiko.
3. **Guhitamo uburyo bw'imyigishirize bukoreshwa.** Umwigisha agomba guha agaciro uburyo butuma abanyeshuri bagira uruhare mu myigire yabo mu buryo bwo guhanahana ibitekerezo, Ibibazo n'ibisubizo. Guha agaciro ibisubizo n'ibitekerezo bitangwa n'abanyeshuri, kubiheraho no kubyongera. Muri ubwo buryo bw'imyigishirize buha uruhare umunyeshuri mu myigire ye, umwarimu azifashisha uburyo bukurikira:

- Imirimo mu matsinda y'ubushakashatsi;
  - Ibibazo bya buri munyeshuri ku giti cye;
  - Udukino dushingiye ku nkuru;
  - Gutanga ibitekerezo no kujya impaka ku ngingo iyi n'iyyi;
  - Gushushanya no gukora imbonerahamwe...
4. **Kwihatira guhuza inyigisho n'imiterere y'abanyeshuri:** ikigero cyabo, umwaka w'amashuri barimo, imyaka yabo, ibihe barimo, ibyo basanzwe bazi, imiterere y'ishuri, imiryango bavukamo, imyifatire yabo, ibibazo bibaza, imyemerere yabo,
5. **Inyigisho izatangwa mu bice bitatu bikurikira:**
- **Ivumburamatsiko:** Umwigisha agomba gukora ku buryo Umunyeshuri agira uruhare mu isomo. Kubera iyo mpamvu, insanganyamatsiko y'inyigisho igomba gusubiza ibibazo by'ukuri by'umunyeshuri.
  - **Gusobanura:** Umwigisha arekera abanyeshuri umwanya wabo wo gutanga ibisobanuro, agafata umwanya iyo bibaye ngombwa ko abongerera ubusobanuro n'ibitekerezo bo uwababo baheraho bavumbura ibitekerezo bishya.
  - **Kwiyerekezaho:** Umwigisha afasha abanyeshuri kugera ku myanzuro yabo bwite, ifatika kandi ishoboka yo mu buzima busanzwe.
6. **Isuzumabumenyi:** Isuzumabumenyi rigamije kuzuza ibidanago bisabwa n'ishuri (Indangamanota, imikoro n'imyitozo), rigamije kandi guteza imbere imyigire y'Abanyeshuri.

**Ibiro Bikuru by'Imyigishirize y'Abaporotesitanti mu Rwanda (BNEP),  
Kigali-Rwanda.**

## **IBIMENYETSO N'INYUGUTI MPINAMAGAMBO BYAKORESHEJWE**

### **INYUGUTI MPINAMAGAMBO Z'IBITABO BYO MURI BIBILIYA IJAMBO RY'IMANA**

<b><u>IZINA RY'IGITABO</u></b>	<b><u>INYUGUTI MPINAMAGAMBO</u></b>
<p><b><u>ISEZERANO RYA KERA</u></b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. Intangiriro</li> <li>2. Ukuvanwa mu Misiri</li> <li>3. Abalevi</li> <li>4. Ibarura</li> <li>5. Ivugururamategeko</li> <li>6. Yozuwe</li> <li>7. Abacamnza</li> <li>8. Ruti</li> <li>9. 1 Samweli</li> <li>10. 2 Samweli</li> <li>11. 1 Abami</li> <li>12. 2 Abami</li> <li>13. 1 Amateka y'Abami</li> <li>14. 2 Amateka y'Abami</li> <li>15. Ezira</li> <li>16. Nehemiya</li> <li>17. Esiteri</li> <li>18. Yobu</li> <li>19. Zaburi</li> <li>20. Imigani</li> <li>21. Umubwiriza</li> <li>22. Indirimbo ihebuje</li> <li>23. Ezayi</li> <li>24. Yeremiya</li> <li>25. Amaganya</li> <li>26. Ezekiyeli</li> <li>27. Daniyeli</li> <li>28. Hozeya</li> <li>29. Yoweli</li> <li>30. Amosi</li> <li>31. Obadiya</li> <li>32. Yonasi</li> </ol>	<p><b><u>(I.K.)</u></b></p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. Intang</li> <li>2. Kuv</li> <li>3. Lev</li> <li>4. Ibar</li> <li>5. Ivug</li> <li>6. Yoz</li> <li>7. Abac</li> <li>8. Ruti</li> <li>9. 1 Sam</li> <li>10. 2 Sam</li> <li>11. 1 Bam</li> <li>12. 2 Bam</li> <li>13. 1 Amateka</li> <li>14. 2 Amateka</li> <li>15. Ezira</li> <li>16. Neh</li> <li>17. Est</li> <li>18. Yobu</li> <li>19. Zab</li> <li>20. Imig</li> <li>21. Mubw</li> <li>22. Ind</li> <li>23. Ezayi</li> <li>24. Yer</li> <li>25. Amag</li> <li>26. Ezek</li> <li>27. Dan</li> <li>28. Haz</li> <li>29. Yow</li> <li>30. Amoso</li> <li>31. Obad</li> <li>32. Yonasi</li> </ol>

33. Mika	33. Mika
34. Nahumu	34. Nah
35. Habakuki	35. Hab
36. Sofoniya	36. Sof
37. Hagayi	37. Hag
38. Zakariya	38. Zak
39. Malaki	39. Mal
<b><u>ISEZERANO RISHYA</u></b>	<b><u>(I.R.)</u></b>
1. Matayo	<b>1.</b> Mt
2. Mariko	<b>2.</b> Mk
3. Luka	<b>3.</b> Lk
4. Yohani	<b>4.</b> Yh
5. Ibyakozwe n'Intumwa	<b>5.</b> Intu
6. Abanyaroma	<b>6.</b> Rom
7. 1 Abanyakorinti	<b>7.</b> 1 Kor
8. 2 Abanyakorinti	<b>8.</b> 2Kor
9. Abanyagalati	<b>9.</b> Gal
10. Abanyezezi	<b>10.</b> Ef
11. Abanafilipi	<b>11.</b> Fil
12. Abanyakolosi	<b>12.</b> Kol
13. 1 Abanyatesaloniki	<b>13.</b> 1 Tes
14. 2 Abanyatesaloniki	<b>14.</b> 2 Tes
15. 1 Timoteyo	<b>15.</b> 1Tim
16. 2 Timoteyo	<b>16.</b> 2 Tim
17. Tito	<b>17.</b> Tito
18. Filemoni	<b>18.</b> Filem
19. Abaheburayi	<b>19.</b> Heb
20. Yakobo	<b>20.</b> Yak
21. 1 Petero	<b>21.</b> 1 Pet
22. 2 Petero	22. 2 Pet
23. 1 Yohani	23. 1 Yh
24. 2 Yohani	24. 2 Yh
25. 3 Yohani	25. 3 Yh
26. Yuda	26. Yuda
27. Ibyahishuwe	<b>27.</b> Ibyah

## **INYUGUTI MPINAMAGAMBO N'UBUSOBANURO BWAZO**

1. A.E.B.R. : Association des Eglises Baptistes au Rwanda ;
2. A.E.E. : African Evangelistic Enterprise ;
3. A.D.E.P.R. : Association des Eglises de Pentecote au Rwanda ;
4. A.L.A.R.M.: African Leadership and Reconciliation Ministries;
5. B.N.E.P.: Bureau National de l'Enseignement Protestant ;
6. C.P.R. : Cconseil Protestant du Rwanda ;
7. E.A.R. : Eglise Anglicane au Rwanda ;
8. E.A.S.J. : Eglise Adventiste du Septieme Jour
9. E.E.A.R. : Eglise Evangelique des Amis au Rwanda ;
10. E.NA.RWA.: Eglise du Nazareen au Rwanda;
11. E.M.L.R. : Eglise Methodiste Libre au Rwanda ;
- 12.** E.P.R. : Eglise Presbyterienne au Rwanda ;
13. J.P.C.R.: Jeunesse Pour Christ au Rwanda ;
14. L.C.R. : Lutheran Church of Rwanda ;
15. U.E.B.R. : Union des Eglises Baptistes au Rwanda ;

## **IBITABO BYIFASHISHIWE MU GUTEGURA AYA MASOMO**

1. BADER, O. (Dir.), Guide de l'Aumonier : Travail collectif des Aumoniers du RED, Presses Bibliques Africaines, Abidjan, 2003.
2. BADER, O., (Dir.), Manuel de formation de l'Aumonier : Travail collectif des Aumoniers du RED, Presses Bibliques Africaines, Abidjan, 2003.
3. BAGOT, J.-P., DUBS, J.-Cl., Pour lire la Bible, SBF, Paris, 1983.
4. BATURI, S., (e.a.), Kwitegereza ibyo mu Isezerano rya Kera : Igice cya Kane : Ibitabo by'abahanuzi, ETDR traducteur, Kigali, 2000.
5. EXCELL (e.a.), Kwitegereza ibyo mu Isezerano rya Kera : Igice cya Kabiri : Ibitabi by'amateka kuva kuri Yosuwa kugeza kuri Esiteri, ETDR traducteur, Kigali, 1999.
6. LATOURTELLE, R., (Dir.), Dictionnaire de Theologie Fondamentale, Editions Bellarmin/ Editions du Cerf, Montreal/ Paris, 1992.
7. Indirimbo zo Gushimisha Imana, Indirimbo z'Agakiza, P.E.E.R., Kigali, 2000.
8. PACHE, R., (ed.), Nouveau Dictionnaire Biblique, Emmaus, Saint-Legier sur Vevey, 1983.
9. Societe Biblique Francaise, La Bible, Traduction Oecumenique de la Bible, Edition Integrale, 2eme edition, Le Cerf / Societe Biblique Francaise, Paris / Villiers-Le-Bel, 1991.
10. Umuryango wa Bibiliya mu Rwanda, Bibiliya: Ijambo ry'Imana, SBR, Kigali, 2004.
11. WARREN, R., Ubuzima bufite intego : Iyi si nyituriyemo iki ?, (Byahinduwe mu Kinyarwanda na Antoine Rutayisire), Purpose Driven Publishing, California, 2006.

## AMASHAKIRO

<b>IJAMBO RY'IBANZE .....</b>	<b>1</b>
<b>IRIBURIRO .....</b>	<b>7</b>
<b>INYIGISHO Y'IYOBOKAMANA UMWAKA WA KABIRI W'AMASHURI ABANZA.....</b>	<b>10</b>
UMUTWE WA I: GUCUMURA KWA ADAMU NA EVA .....	10
ICYIGISHO CYA 1: IGICUMURO CYA ADAMU NA EVA MU NGOBYI YA EDENI.....	10
ICYIGISHO CYA 2: INGARUKA IGICUMURO CYA ADAMU NA EVA ...	13
CYASIGIYE BENE MUNTU.....	13
ICYIGISHO CYA 3: IMPUHWE N'URUKUNDO BY'IMANA MU ICUMURA.....	15
RY'UMUNTU .....	15
UMUTWE WA II: KWEMERA (KWIZERA) KWA ABURAHAMU .....	17
ICYIGISHO CYA 1: IHAMAGARWA RYA ABURAHAMU .....	17
ICYIGISHO CYA 2: IMANA ISEZERANYA ABURAHAMU UMWANA ....	19
ICYIGISHO CYA 3: ABURAHAMU ATANGAHO UMWANA WE IZAKI .	21
IGITAMBO. ....	21
UMUTWE WA III: IMANA ITABARA ABISIRAHIERI MU MISIRI .....	23
ICYIGISHO CYA 1: UBURETWA BW'ABISIRAYELI MU MISIRI .....	23
ICYIGISHO CYA 2: IVUKA RYA MUSA.....	26
ICYIGISHO CYA 3: IMANA IBONEKERA MOSA .....	28
ICYIGISHO CYA 4: IBYAGO CUMI .....	30
ICYIGISHO CYA 5: ABISIRAHELI BAMBUKA INYANJA ITUKURA .....	32
UMUTWE WA IV: URUGENDO RW'ABISIRAYELI MU BUTAYU .....	34
ICYIGISHO CYA 1: IMANA IHA ABISIRAHELI MANU.....	34
ICYIGISHO CYA 2: IMANA IHA ABISIRAHELI AMAZI.....	36
ICYIGISHO CYA 3: AMATEGEKO CUMI Y'IMANA .....	38
ICYIGISHO CYA 4: AMATEGEKO CUMI Y'IMANA .....	40
ICYIGISHO CYA 5: AMATEGEKO YATANZWE NA YEZU KRISTO.....	42
ICYIGISHO CYA 6: ABISIRAHELI BIREMERA IKIGIRWAMANA.....	44
ICYIGISHO CYA 7: YOZUWE YINJIZA ABISIRAHELI MU GIHUGU....	47
CY'ISEZERANO .....	47
UMUTWE WA V: UBUDAHEMUKA BW'IMANA .....	50
ICYIGISHO CYA 1: JAMBO YIGIRA UMUNTU .....	50
ICYIGISHO CYA 2: IMIRIMO YA JAMBO ARIWE YEZU KRISTO. ....	52
ICYIGISHO CYA 3: YEZU KRISTO APFIRA ABANYABYAHА .....	55
ICYIGISHO CYA 4: KUZUKA KWA YEZU KRISTO .....	57
ICYIGISHO CYA 5: YEZU KRISTO ASEZERANYA MWUKA MUZIRANENGE.....	59
ABIGISHWA BE, ARABATUMA.....	59

<b>ICYIGISHO CYA 6: AKAMARO KA MWUKA MUZIRANENGE</b>	
N'IBIRANGA .....	61
ABAKORESHWA NAWE.....	61
ICYIGISHO CYA 7 : UMURYANGO W'ABEMERA .....	63
ICYIGISHO CYA 8: ABAGIZE UMURYANGO W'ABEMERA N'UKO.....	65
WAVUTSE .....	65
<b>INAMA ZA NGOMBWA KU MYIGISHIRIZE Y'AMASOMO</b>	
Y'IYOBOKAMANA Y'ABAPOROTESITANTI MU MASHURI ABANZA.....	68
<b>IBIMENYETSO N'INYUGUTI MPINAMAGAMBO BYAKORESHEJWE.....</b>	70
INYUGUTI MPINAMAGAMBO Z'IBITABO BYO MURI BIBILIYA IJAMBO RY'IMANA .....	70
INYUGUTI MPINAMAGAMBO N'UBUSOBANURO BWAZO.....	72
IBITABO BYIFASHISHIJWE MU GUTEGURA AYA MASOMO .....	73
AMASHAKIRO .....	74